# Kugirwa Umwana #3 (Igihagararo Mu Mubiri Wa Kirisito #3)

Jeffersonville, Indiana, USA

22 Gicurasi 1960

1 …Neville. Mwaramutse teraniro. Tunejejwe cyane no kuba twagarutse ngo twongere kubaramutsa muri iryo Zina rihagije ry'Umwami Yesu. Niringiye ko mwagize icyumweru cyiza cyane, cyuje ibisingizo Bye n'imigisha Ye.

Ubwo nageraga hano muri iki gitondo, nahuye n'umwana w'umuhungu hariya, maze ampereza agashushanyo ka Malayika murinzi urinda utwana tubiri. Kandi sinari nzi ko yari Daulton muto, umwana wa ba Daulton.

2 Ino, mu byumweru bike bishize, cyangwa …bike… Hashize nk'ibyumweru bibiri, umubyeyi w'umukristo, yari yazaniye icyifuzo umwana we w'umukobwa, umwangavu utari yaba umukristo, akaba yari ari mu murongo w'abasengerwa. Maze Mwuka Wera aravuga, Avuga ati: "Nguhaye umwana wawe." None nguyu, ari hano muri iki gitondo, yarakijijwe kandi yarabatijwe mu Izina ry'Umwami Yesu, yicaye kano imbere, neza neza nk'uko Mwuka Wera yari yarabivuze. N'abandi bana bose bicaye bazengurutse hariya hose. Nzi ko umuryango wa ba Daulton unezerewe.

3 Ndabona wa mugore wasengeshereje uruhinja rwe kucyumweru gishize, batekerezaga ko rwari rugiye gupfa. Ndabona akiri kumwe na twe muri iki gitondo; tunejejwe by'ukuri n'ibyo, mushiki wacu. Batekerezaga ko yari arwaye indwara yo gusenyuka k'umubiri, ariko ntibyari byo. Rero turabishimira Imana cyane.

4 Ndabona incuti zacu nziza zose. Ndibuka ko uyu muntu mureba, yaje kundeba mu kiganiro cyihariye i Chatauqua igihe kimwe, ni ko ntekereza. Basangiye ifunguro rya mugitondo na we n'umugore wawe, n'abana banyu, ntekereza… cyangwa, wowe n'umugore wawe, cyangwa, n'abana nabo, yego. I Middletown, Ariko twebwe, tu-… Iryo zina ndaryibagiwe, rero nkomeza kuvuga Chatauqua. Yego, mugabo. Abenshi mu ncuti zanjye nziza.

Mwene Data Charlie Cox na Mushiki wacu Nellie, uri hano, mwambereye iwanjye ha kabiri, kandi ni nk'aho muri abana banjye bwite. Ngiye hariya, ni ho mara igihe cyanjye kinini cyo kuruhuka, hariya. Ni we muhizi mu bahigi b'udutimba b'i Kentucky, iyo ndi muri Indiana. Kandi rero, muri Indiana… Kandi, Charlie, ndabikubwiye, ndashaka by'ukuri kwihuta, ndifuza bikomeye za perishe (perche) z'Amerika cyangwa izo bitiriye umukororombya nkeya mbere yo kujya iriya. Numva ko ari nta kibazo byantera na busa.

5 Mwene Data Parnell…Arnett, wo muri Caroline y'epfo. Na Mwene Data… Mu by'ukuri, hari benshi bari hano, kandi b'ahantu hatandukanye, muri iki gitondo, baje kutureba.

Murabizi, hano, nta bayoboke nk'ab'idini dufite. Tugira gusa ubusabane hagati yacu, mu gihe Amaraso ya Yesu Kristo, Umwana w'Imana, atwezaho gukiranirwa kose.

6 Noneho, tugira ukwiga gutangaje, ni byiza gusa. Kandi twebwe, nibura njye… nzi ko njye, ndabishima, kandi nzi ko mubishima mwese, na mwe. Njya mbivugaho cyangwa mbisoma umunsi wose, mfata wenda imirongo ibiri, none dore ngiye mu Byanditswe; mu kanya gato nkisanga nahetuye kuva mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe, maze ngakomeza.

Murabizi, nifuzaga kwegurira igice cy'igihe, kugira ngo dufate urwandiko rwandikiwe Abaheburayo, kandi dufate, urugero… Mu by'ukuri, ubwo hazaba ari igihe cyo guhiga udutimba, urugero… ahagana… Kanama, murabizi, maze tukagira inyigo ikomeje kugeza ubwo haba igihe cyo kujya hakurya y'amazi; buri mugoroba, ku Rwandiko rw'Abaheburayo, cyangwa ku Gitabo cyo Kuva. Uburyo Imana, Ukuva, mu gihe Isohora abana Bayo muri Egiputa, ukuva! Ni urugero rwacu rwiza, twebwe twitegurira ugusohoka kwacu ubungubu. Ni, yoo, ni ikintu cyiza cyane. Imirongo y'Ibyanditswe yose irasobetse, kandi igize Inkuru ikomeye.

7 Noneho, muri iki gitondo, turacyari mu Rwandiko rwandikiwe… Twari twihaye gahunda yo gufata ibice bitatu bya mbere by'Urwandiko rwandikiwe Abefeso. Urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso, i Efeso, ubwo yageragezaga, ashyira Itorero mu gihagararo cyaryo. Kandi mbere y'uko abitangira, mbese twashobora gufata igihe kimwe cyangwa ibihe bibiri byo gusenga, mbere y'uko dutangira.

8 Yoo Mwami, Mana yacu, tuje mu Bwiza Bwawe ubungubu; tudakwiriye, uko biri kose, tuzi ko hari Igitambo kivirirana Amaraso kiri hariya, kidutegereje, kitweza uburyo bwose bw'umwanda, kandi kikadushoboza kugaragara imbere ya Data, tutagira ikizinga habe n'umunkanyari. Nta cyo twajyaga gukora ngo tube dukwiriye ibyo. Ahubwo kuko Yesu yabidukoreye, twunamye duciye bugufi imbere Ye n'imbere y'Izina Rye, kandi tugusabye kohereza Mwuka Wera hagati muri twe muri iki gitondo. Sindi umunyatewolojiya, kandi sinzi gushyira Ibyanditswe mu mwanya wabyo, Ahubwo nuje gusa ibyishimo no gushima kumva Mwuka Wera yigaragariza muri njye. Aduhere umugisha twese hamwe, mu gihe turi bube dusoma Ijambo Ryawe ryanditswe, maze bityo Ahinduke muri twe Ubugingo bw'Iteka. Bidukorere, Dawe. Tubisabye mu Izina rya Yesu no ku bwa Yesu. Amina.

9 Noneho, nashobora gutangira kuvuga ibi: ndamutse ngize icyo mvuga gihabanye, kidahura neza, gishobora kuba atari cyo rwose ukigereranije n'inyigisho yanyu, cyangwa ikintu kimwe mutumvikanaho, niringiye Mwuka Wera ko Azatunganya ibyo byose mu buryo buboneye, mu buryo bwiza, ku buryo ari nta uzumva yagiriwe nabi, murabona, ko bizabera mu rukundo no mu busabane bwa bene Data, kandi ni byo… Ni muri icyo cyerekezo byakozwe.

Ibi byose byatangiranye n'ikibwiriza cyo kucyumweru gishize, nkeka ko hari kucyumweru gishize, Umwami wanzwe. Mbese hari umaze kubona iyo bande? Ntekereza ko bazifite, mushobora kuzishakira niba mushaka, Umwami wanzwe.

10 Hasigaye iminsi mike gusa, maze tugatangira… Middletown, muri Ohio. Twakwifuje ko abajya mu biruhuko byabo muri kiriya gihe bose bahamirizwa neza ko bazaza bakadusanga hariya, kuko tuzagira ibihe byiza by'ubusabane, i Middletown, muri Ohio. Dogiteri Sullivan, nkeka ko ari we mukuru w'inama. Kandi hazaba imigoroba itanu y'amateraniro, aho nzabwiriza nk'umubwirizabutumwa w'umutumire mu giterane mpuzamahanga cy'itorero mpuzamadini. Kandi nyuma, buriya, hazaba amateraniro yacu bwite, nyuma y'ayo matariki. Biteganijwe kugeza kuri cumi n'ebyiri, Ahubwo mu bwumvikane, ko hari ubwo twanashobora gukomereza mu kindi cyumweru, byose biterwa n'uburyo Mwuka Wera azayobora. Dushaka twese kuyoborwa na Mwuka; neza neza icyo Mwuka Wera atubwirije gukora, rero dushaka kugikora tudahaswe.

11 Kandi mwibuke, mu gihe twumvira Mwuka, hari icyigisho gikomeye dushaka kwiga, ni icyo kudakorera munsi y'agahato. Murabona, fata igihe cyawe, ugire ukwizera. Niba hari icyo twasabye mana, twibuke ko Imana isubiza amasengesho. Ibikorera igihe Cyayo, mu buryo buhebuje, Ihuriza byose hamwe kutuzanira ibyiza bu buryo butunganye. Kandi niba atari uko, twaba tubeshejwe n'iki hano muri iki gitondo? Byaba bitumaruye iki kuvuga ko turi abakristo? Imana… Niba Iri atari Ijambo ry'Imana, rero, niba Ryo atari ukuri, icyo gihe twaba turi abantu bahebuje abandi bose gutera agahinda.

Nejejwe no kuba n'umutima wose kumwe n'abantu benshi hano, bazi ko Ibi ari Ijambo ritaneshwa ry'Imana. Kandi ni Ryo Kuri, buri Jambo ni Ukuri, buri nyuguti, buri kadomo. Kandi, ku bw'ubuntu bw'Imana, nagize ubuntu bwo kubona Igihugu tuzajyamo igihe kimwe.

12 Ejo hashize... Abantu ntibazi ibyo ari byo, ibihe by'umunaniro w'ubwonko bikurikira umurimo nk'uwo. Nari mfite umunaniro w'ubwonko by'ukuri, maze mbwira umugore wanjye nti: "Nashakaga kubasha kugenda."

Avuga ati: "Utewe n'iki kuvuga ibyo, Bill?"

Mvuga nti: "Yoo, hano, mfite ibibazo, n'ibindi."

Rero ni nk'aho Mwuka Wera yari ambwiye ati: "Mbese waba ushaka kubikikira? Mbese, waba ushaka kubihunga?" Murabona?

"Ashwi," ni ko navuze, "ngomba kubihangara. Urabona, ko…" Murabona?

Biraruta rwose. Nta buriganya, by'ukuri, ndabivuga ku bwo kuba narabyiboneye ubwa njye, nyuma y'ubu buzima, turinjira mu Gihugu kirenze ibyo umuntu yashobora gutekereza byose. Kandi niba hari abashya baje hano… ndasaba Imana ngo mutamfata nk'umunyabikabyo. Icyo nshaka, hejuru ya byose, ni ukuba umwizerwa no kuvugisha ukuri. Byamarira iki kugira icyo mvuga cy'ikinyoma, mu gihe hari byinshi cyane hano by'Ukuri? Kuki byaba ngombwa ko tugira icyo tubivugaho cy'ikinyoma? Byonyine ni Ukuri.

13 Kandi, ntibitangaje, nizera ko Pawulo, yazamuwe mu Ijuru rya gatatu, maze abona ibintu bitagiraga icyo bimumarira kubivuga; hanyuma igihe kimwe, avuga ati: "Ni ibintu ijisho ritigeze kubona, ibyo ugutwi kutigeze kumva, kandi bitigeze kugera mu mutima wa muntu, ibyo Imana yiteguriye abayikunda."

Yoo, biroroshye cyane… Turi hagati y'icukiro ry'umwanda, muri iyi si, nta kindi, mu icukiro ryuzuye umwotsi, byagizwe umukara n'umwanda. N'ubwo twebwe ubwacu bitatwanduza, hasigaye ko tubeshwaho hagati y'ibyo, n'umwotsi uturuka mu makara acumba y'icyaha. Kimwe mu bintu gihebuje ibindi kungwa nabi mu mutima iyo ngitekereje, ni ikimpoteri gishaje cy'akarere biriho bihiramo. Mwaba mwarigeze kunyura hafi ya ho? Uriya munuko urwaza, umwotsi ucumba unyuze mu myanda y'uburyo bwose. Kandi - kandi, iyo uwuhumetse rimwe gusa, wumva igifu cyihindurije.

14 Ndibuka iyo nagombaga kujya i New Albany, ku rundi ruhande rw'Agahanda ka Cumi n'umunani, aho nagombaga kwisanga muri hariya hantu, kuko nagombaga guhumeka uriya munuko urwaza. Nyamara, kandi hariya hari imibiri y'imbeba, iy'imbwa n'ibindi byapfuye, murabizi, n'ibyo byose, byaracumbaga, n'uwo mwotsi wabivagamo.

Kandi nyamara, ngibyo ibyo ubu buzima bigereranywa na byo, mu buryo buhebuje bwabwo. Biracumba, umunuko w'icyaha wumvikana hose, abe ari ko tuvuga, mu buryo bw'umwuka. Ariko, yoo, aho umuyaga uhuha ku bwende, kandi byose ari byiza, n'amahoro, n'umunezero, n'Ubugingo Buhoraho,

hakurya y'uruzi. Gusa turi ku rugamba, rero ntidukwiye kudamarara ngo tuvuge tuti: “Twihutire kugerayo”, tujyane abo dushobora kujyana bose. Yego.

15 Kandi noneho, intego y'ibi byigisho, ni ugushimangira abamaze kugera mu Gihugu. Intego y'uku kwiga k'Urwandiko rwandikiwe Abefeso, ni iyo Gushyira Itorero mu gihagararo Cyaryo, mu Mwanya Waryo muri Kristo. Ni urugero rw'Isezerano rya Kera, n'urw'Igitabo cya Yoshuwa, mu gihe Yoshuwa yari yatanze imigabane, - twarabibonye kucyumweru gishize, - mu gihe Yoshuwa yari yaratanze imigabane, yarahaye buri muntu umugabane we mu gihugu. Kandi yari yarabikoze ahumekewe.

Mose, … yari yarasohoye ubwoko, muri Egiputa, muri tungurusumu, no mu butunguru, yari yarabasohoye kandi abaha ahantu, aho Imana yari yarasezeranye mu myaka magana ane yajyaga gukurikira… cyangwa, mu myaka magana ane mbere, ko Yajyaga kubayobora ahantu, igihugu cyiza gitemba amata n'ubuki. Hanyuma Mose ayobora abana ba isirayeli abageza ku gihugu, ariko ntiyabambutsa ngo akibinjizemo.

Hanyuma Yesu, w'ubwoko bw'umwuka… Mwuka Wera twari twaramuhaweho isezerano uhereye mu ntangiriro. Yesu yaratuyoboye atugeza ku isezerano. Ariko Mwuka Wera araza, nka Yoshuwa, ngo amusigarireho, kandi Ayobore, kandi ngo Ahindure igihugu, cyangwa ngo Yigarurire Itorero. Turabona rero, mu by'ukuri, ko…

16 Nyamara, kuri byo, wasanga abantu bamfata nk'ubakomeretsa kandi ko naba ntubaha bene Data. Si ibyo! Imana ni Yo Mucamanza wanjye, si ibyo. Murabona? Ndashaka gusa kubakangura ku kintu kimwe cy'Ukuri. Murabona? Twahisemo abantu ngo batubere abayobozi, aho kuyoborwa na Mwuka Wera. Twashatse guhabwa umugabane n'umuntu, ngo abe ari we utuyobora; ngo idini, nk'abametodisite, ababatisite, abaperesibiteriyani, abaluteriyani, itorero rya Kristo, abapantekote n'amadini anyuranye, ngo abe ari dini ritanga urugero, hanyuma dukurikire ibyo.

Nta hantu na hamwe muri Biliya hatubwira gukora ibintu nk'ibyo. Nta murongo n'umwe w'Ibyanditswe, muri Bibiliya yose y'Imana, aho Yaba yarashyize inzego mu Itorero, cyangwa ngo Agire aho avuga ku nzego, nta na hato muri Bibiliya. Ahubwo byakomeje kuba ibihabane. Ntishaka ko duhuza n'iby'isi. Ishaka ko tuba abatandukanye, abari ukwa twenyine.

Ariko sinshaka kuvuga kuba “urw'amenyo”, buriya, nk'uko bavuga. Ndashaka kuvuga kuba ubwoko bwahamagariwe gusohoka, yoo, ishyanga ryera ryahawe umugisha, ngo tugire ubuzima butagira amakemwa, ngo tugire imigirire, ngo twitware neza neza nk'uko We Yajyaga kwitwara, mu gihe Adukoreramo, kuko turi umurimo We, twararemewe muri Yesu Kristo ku bw'imirimo myiza ngo tuyigenderemo.

17 None aha, ku wa gatatu nimugoroba, abenshi muri mwe ntibari bahari ku wa gatatu nimugoroba, ariko twabonye… Ntekereza ko ari umurongo wa gatatu, cyangwa uwa… oya, ni umurongo wa 5. … Kugirwa abana cyangwa gushyirwa mu myanya kw'abantu

Imana, ishaka gushyira Abayo mu myanya. Kandi iyo Imana igize uwo ishyira mu mwanya, rero, yoo, itorero ryose rishaka kumera nk'uwo, kugira bimwe n'iby'uwo, gukora bimwe na we. Twaconzwe mu buryo butandukanye, turemwe mu buryo butandukanye, dufite za kamere zitandukanye, kandi twashyizwe mu bihagararo bitandukanye, buri wese ku bw'umurimo utandukanye; wenda umwe, ni ku bw'umurimo urushijeho guca bugufi, na ho undi, agahabwa umurimo w'agaciro gahebuje gushyirwa hejuru. Ntekereza ko ari Dawidi cyangwa umwe wo mu bahanuzi, sincyibuka uwo ari we ubungubu, wavugaga ati: “Nahitamo kwibera akatsi mu Nzu y'Uwiteka, aho kuba mu mahema hamwe n'abagome.”

18 Noneho tugiye guhagarara isegonde rimwe ku kugirwa umwana, ku murongo wa 5, kuko dushaka gukomeza kurushaho kujya mbere bishoboka. Ariko, noneho, mwibuke umutwe w'ikibwiriza, nta kindi kivugaho uretse ku kugirwa umwana. Ni bangahe babisobanukirwa? Nashakaga kumva mubivuga, mu ijambo rimwe gusa. Iteraniro rirsubiramo ibyo Mwene Data Branham avuga: “Kugira umuntu umwana. Umubiri wa Yesu Kristo mu gihagararo cye, muri Kristo, aho ari Mwuka Wera utuyobora.” None dore, ni ho turi, murabona. Kudushyira mu gihagararo cyacu, ni cyo Urwandiko rwandikiwe Abefeso rugomba gukora.

19 Kandi mwitegereze uriya mwigisha w'akataraboneka, Pawulo. Ikintu cya mbere akora ni ukwikuramo igitekerezo cyo kugwa cyose. Kwikuramo igitekerezo cyose kimeze nka “ndi umukristo none, maze nkaba uwo kurimbuka, kandi bwacya Imana ikanciraho iteka, umunsi ukurikiyeho nkabyuka”. Ibyo, ntibibaho! Nyamara ibi, ni… Uru Rwandiko ntirwagenewe inyigisho y'ibwirizabutumwa, cyangwa ibibwiriza by'ababwirizabutumwa. Sinjya mbikomozaho iyo ndi mu isakazabutumwa hanze y'igihugu. Mbizanira Itorero; mu by'ukuri, Pawulo yarwandikiye abera, abahamagawe, kandi barinzwe, bujujwe, kandi bashyizwe ukwa bonyine, kandi mu Mwuka Wera, kera na kare mu Gihugu cy'i Kanani. Agerageza kubabwira, ikintu cya mbere: mwikuremo igitekerezo ko mugiye kurimbuka, kandi mukaba mugiye gukora iki, kandi mukaba mufite ubwoba bw'iki. Mwe kugira icyo mutiny; kuko agerageza kukubwira aho ugeze, uwo uri we, igihagararo cyawe.

20 Sawa, byashoboka ko wazakora amakosa, kandi igihe cyose uzagira ikibi ukora, uzakibonera igihembo. Yego mugabo. Uzasarura icyo uzaba warabibye! Ariko ibi, nta ho bihuriye n'agakiza kawe. Iyo umaze kubyarwa na Mwuka w'Imana, uba ufite Ubugingo Buhoraho, kandi ntushobora gupfa nk'uko Imana idapfa. Uri urugingo rw'Imana, uri umwana w'Imana.

Navutse ndi umwe mu ba Branham. Washobora kunyita irindi zina, nta cyo byampinduraho ngo ndeke kuba uwo mu muryango wa Branham. Byashoboka ko igihe kimwe isura yanjye ihindana cyane, narahinamiranye kubera rubagimpande, nkaba nagira impanuka y'imodoka ikanshwanyaguza, ku buryo naba nsa n'igikoko, icyaba gisigaye ni uko naba nkiri uwo mu ba Branham! Kubera iki? Hari amaraso ya Branham muri njye.

21 Ni cyo uri cyo. Kandi, igihe cyose Imana yakugize… Nyamara, wibuke, simbwira abari hanze ya Kristo. Ndabwira abari muri Kristo. Ni gute binjira muri Kristo? "Binyura mu Mwuka umwe!" M nkuru M-w-u-k-a… bishaka kuvuga: "Binyuze mu Mwuka Wera umwe rukumbi, twabatijwe twese, ngo tugire Umubiri umwe rukumbi." … Ni gute tuwinjiramo? Byaba binyura mu mubatizo w'amazi? Rwose sinemeranya na mwe, ababatisite, na mwe Itorero rya Kristo; ntibinyira mu mubatizo w'amazi, ndabashwishurije! Muri 1Abakorinto 12, handitswe ngo: "Ni Mwuka umwe, Mwuka Wera, utwinjiza muri uwo Mubiri." Kandi tuba mu mutekano nk'uko uwo mubiri uba uri mu mutekano. Imana… ni Yo yabisezeranye.

22 Bishoboka bite ko Imana yongera kumuciraho iteka kandi Yaragiye i Kaluvari? Yazamutse Gologota, Arakubitwa, Yuzura inguma umubiri wose, ntiyashoboraga gukira, ntiyashoboraga no kuvuga ijambo na rimwe, byendaga kugera aho. Ibyo byabereyeho iki? Yari yirengereye ibyaha by'inyokomuntu. Atabitewe no kuba umunyabyaha, Ahubwo abitewe no kuba "Yarahindutse icyaha" ku bwa njye na we. Ibyaha byo mu isi byose, uhereye kuri Adamu kugeza igihe Azazira, byari ku bitugu Bye. Si Umwana Wayo Imana yahanaga, Yahanaga icyaha. Murabona uburyo byari biteye ubwoba? Yari ariho aduhongerera. Yari ariho aducira inzira yo kurokokeramo, abo Imana yari izi, mu kumenya ibintu bitaraba Kwayo, ko bajyaga kubaho. Tugiye kubivugaho mu kanya.

23 Sawa, rero, iyo muri, "mu Mwuka umwe, twabatirijwe kugira uriya Muburi, Umubiri umwe, ari Wo Kristo", ni bwo tuba mu mutekano by'iteka ryose.

Nyamara, ngicyo igisa n'igikora ikintu kidasobanutse, cyane cyane ku bizera b'abanyaruminiyani, bizera ko bagomba kugira icyo bakora, ko bagomba kugira icyo baratira Imana bagezeho. Ni gute byaba ibintu bibiri icyarimwe? Bibe ubuntu cyangwa imirimo, kimwe cyangwa ikindi. Ntibishobora kuba… ku bw'ibintu bibiri bitandukanye; bigomba kuba ku bw'ikintu kimwe.

24 Njye, yoo, njye, nta kindi mbasha kubona usibye ubuntu bw'Imana. Ni uko nteye. Nta gihe ntizeye ubuntu. Ku bwanjye, byose ni ubuntu, mu mpande zose, byonyine. Nta bwo ari, nda-nda… ndetse, mu buzima bwanjye, ubwo nari nkiri umwana muto, nta kindi nabonaga usibye ubuntu, ubuntu. Bavuga bati: "Nshimira mu mugongo, na njye nzagushimira mu wawe." Mu by'ukuri, iyo mvugo iteye ubwoba. Ariko njye, wanshimira mu mugongo cyangwa utabikora, birampwaniye. Niba ukeneye ko ngushimira mu mugongo, ndawugushimira uko biri kose. Murabona, ubuntu. Yego mugabo. Murabona, ubuntu bukorera mu rukundo. Niba ubikeneye, uko waba ari nta cyo wigeze kunkorera kose, akaba a-ari nta ho duhuriye na we, niba ubikeneye, ndabikora uko biri kose. Ubuntu! Kuko ubikeneye!

25 Nari nkeneye agakiza. Nta kintu na gito cyari gihari cyashoboraga kunkiza. Nta cyo nashoboraga guhindura ku iherezo ryanjye, sinashoboraga kwikiza na busa. Ahubwo nari nkeneye agakiza, kuko nizeraga ko hariho Imana. Maze Imana yohereza Umwana Wayo mu mubiri usa n'uw'icyaha, kugira ngo Ababazwe mu mwanya wanjye, none narakijijwe, ni ku bw'ubuntu, kandi ku bw'ubuntu bwonyine, nakijijwe. Nta kintu na gito najyaga gushobora, cyangwa mwajyaga gushobora gukora ngo mwikize ubwanyu. Kandi abo Yamenye kera, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro…

26 Twabivuzeho ku wa gatatu gishize. Twishushanirije Imana, ubwo yari Elah, Elohim, kandi twerekanye ko Yari yibeshejeho. Ariko muri Yo hari Ububyeyi, muri Yo hari indangagaciro zitandukanye, nko kuba Umucunguzi, nko kuba Umukiza w'indwara. Ibyo byose, byari mu Mana, kandi Imana yari yibeshejeho Ubwayo. Ariko, nk'uko Yari Umucunguzi, ko Yari Da-… Nta Malayika n'umwe wari kumwe na Yo, nta kintu na gito cyari kumwe na Yo. Ni Yo yonyine yari iriho, Yonyine. Yari yibeshejeho. Nta kindi cyabagaho, usibye Imana.

Byonyine, nk'uko Yari Imana, rero hagombaga kugira ikibaho cyo kuyiramya, kuko Yakundaga kuramywa. Kandi ni Yo yiremeye ibiremwa, kugira ngo biyiramye. Noneho, mu kanya gato, tubigarukeho akanya gato, buriya, ntituri bubirebe byose, Ahubwo muri bubibone kuri bande. Byonyine, kuko Yari Imana, buriya, Yaremye Abamalayika, none Abamalayika barayiramyaga. Abamalayika bahora bayiramya. Ariko, Abamalayika baba mu Bwiza bw'Imana bafite amababa atandatu. Bafite abiri batwikiriza mu maso, abiri batwikiriza ibirenge, n'abiri bagurukisha, mu Bwiza Bwayo, barangurura amanywa n'ijoro bati: "Uwera, Uwera, Uwera ni Umwami Imana ishoborabyose." Ni byo bivugwa mu Byanditswe. Barayiramyaga, buriya, hari icyari cyararemewe kuyiramya.

27 Hanyuma, imbere muri Yo, hari icyitiriro cyo kuba Umucunguzi. Byashoboka bite muri biriya biremwa, mu gihe ari nta cyaha na gito, habe n'igitekerezo na gito cy'icyaha, ngo hagire ikirimbuka? Ntibikabeho. Rero, icyajyaga gushobora kurimbuka cyagombaga kuremwa, kugira ngo Ishobore kuba Umucunguzi. Muri yo, hari Umukiza w'indwara. Mwaba mwizera ko ari Umucunguzi? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Mwaba mwizera ko ari Umukiza w'indwara? ["Amina."] Ariko rero, byajyaga kumera bite iyo hatajya kubaho icyo gucungura, habe n'icyo gukiza uburwayi? Murabona, hagombaga ikiremwa gityo.

Rero, ariko Ntiyamuremye atyo, buriya, gusa Yahaye umuntu umudendezo w'amahitamo: "ni uhitamo iki, uzabaho, ni uhitamo kiriya, uzapfa." Kandi umuntu wese uje mu isi aracyashyirwa imbere ayo mahitamo na n'ubu. Imana, mu kumenya ibintu mbere y'uko biba Kwayo, Yari izi uwajyaga kwakira n'utajyaga kwakira. Niba Imana, i-…

28 Icyo kibazo narakibajijwe ejo, n'umunyatewolojiya waba nye na twe mu materaniro, cyangwa wumvise bande, yavugaga ati: "Muri icyo gihe, Imana yaba ibera hose icyarimwe? Muri icyo gihe," yavugaga ati: "Yashoboraga kuba hose?"

Mvuga nti: "Ntibera hose icyarimwe nk'uko ijambo kubera hose icyarimwe rivuga. Ntishobora kuba ikinyabuzima, ngo Inabere hose icyarimwe. Niba Ibera hose icyarimwe, kubera iki twasenga ngo duhabwe Mwuka Wera? Niba ibera hose icyarimwe, Yuzura buri mututu, buri mfuruka, buri mututu, buri kagirangingo, n'ibindi byose." Mvuga nti: "Kubera iki Yashatse Mose, ku iherezo, niba Ibera hose icyarimwe? Kubera iki Yazengurutse ingobyi ya Edeni mu byerekezo byose, Irangurura iti: 'Adamu, Adamu, uri he?', niba Ibera hose icyarimwe?"

Ibera hose icyarimwe, ku bwo kuba Izi byose. Izi byose kuko itagira aho igarukira; ntigira aho Igarukira, ni cyo kiyigira Ibera hose icyarimwe. Nk'uko Ibera hose icyarimwe, rero, nk'uko Itagira aho igarukira, rero, iri mu Ijuru. Ituye ahantu, kuko ari Ikinyabuzima.

29 Ariko, nk'uko Itagira aho igarukira, rero izi byose. Uko agasazi gahumbaguje amaso, Iba ibizi. Izi buri muyugiri, aho ujya gushaka ubuki. Izi buri gishwi aho gihagaze mu giti. Izi buri gitekerezo kiri mu mutima wawe, kuko Itagira aho igarukira kandi Ikaba izi byose. Ni ukuvuga ko itagira aho igarukira gusa, Ahubwo izi byose. Gusa ni Ikinyabuzima, Imana ni Ikinyabuzima, kandi ni icyo Kinyabuzima ibyo bintu byose biturukamo.

30 Kandi icyaha, nk'uko nabivugaga ririya joro, icyaha si ikiremwa. Nta kindi cyaremwe, usibye ugutungana. Ibyo Imana yari yararemye byari byiza. Icyaha si ikiremwa. Bavuga bati: "Mu by'ukuri, dore ikiremwa nyine cy'icyaha." Mwamaze kumva ibyo. Ariko ni ukwibeshya. Icyaha… hari Umuremyi umwe gusa, ni Imana. Imana ntiyashoboraga kurema icyaha, kuko ari Iyera, kandi nta kiri muri Yo cyashoboraga kurema icyo. Icyaha ni ugucurika; kikareka kuba ikiremwa, Ahubwo ni ugucurika. Ubusambanyi, ni igikorwa cyiza gicuritse. Ikinyoma, ni ukuri gucuritse. Icyaha cyose, icyaha cyose, ni ugukiranuka gucuritse.

31 Ku bw'ibyo, dore noneho Imana. Biratunganye, Yigaragaje nk'Imana. Biratunganye, Yigaragaje nk'Umucunguzi: abantu bari mu irimbukiro, maze Arabacungura. Biratunganye, Yigaragaje nk'Umukiza w'indwara. Icyo abantu bashobora kuvuga, nta cyo bihindura, ni cyo Ari cyo; uko biri kose ni cyo Ari cyo. Ni Uwiteka. Kandi Afite intego. Kandi intego Ye, yari, mu ntangiriro, kurema ibiremwa byajyaga kuyikunda bikanayiramya.

Rero Yaremye ibiremwa, kandi ibyo biremwa byaraguye. Kandi buriya, Imana, nk'uko Itagira aho igarukira, Yararanganije amaso mu bihe uko biha ibindi, maze abona abantu bajyaga gukizwa bose. Abantu bose, Yari ibizi binyuze mu kumenya ibintu bitara-… bitaraba Kwayo. Ku bw'ibyo, iyo Iba yari izi, binyuze mu kumenya ibintu bitaraba Kwayo, uwajyaga gukizwa n'utarajyaga gukizwa, Yari ishoboye rero gutoranya. Rero, ijambo ntiriteye ubwoba, uko biri kose, si byo? Yari Ishoboye gutoranya, kuko Yari izi uwajyaga gukizwa n'utarajyaga gukizwa. Ku bw'ibyo, kugira ngo Yigarurire abari bagiye gukizwa, Yagombaga gutanga i-igitambo cy'impongano y'ibyaha byabo. Yoo, twashakaga, bibaye ibishoboka, kubona ibyo, ni imirongo mike gusa. Yadutoranirije Ubugingo Buhoraho, kuko Yari izi ko hari abajyaga kwiyanga; uko abana b'isi bajyaga gusuzugura iby'Imana, kuri bo nta na gito byajyaga guhindura, kuko bari abana b'Imana. Kandi abo, Yarabahamagaye.

32 Maze Yohereza Yesu, kugira ngo Amaraso Ye abe impongano, abe Amaraso y'impongano, abe ituro ry'impongano, cyangwa nko-nko kwemerwa, cyangwa nko kwezwa. Inzira isa n'uruganda yo kwezwa, mu buryo bukomeje… Si incuro imwe gusa, mu materaniro y'ububyutse, Ahubwo "Ahoraho ngo atwingingire", akaba umukristo ahora yejejwe amanywa n'ijoro. Hari Amaraso ya Yesu Kristo adutera - adutera kwemerwa, binyuze mu musaraba, buriya… mu Bwiza bw'Imana, ayo Maraso, uko bukeye uko bwije, akomeza kutwezaho icyaha cyose. Kandi turarinzwe, mu bwugamo. Turinzwe dute? Na Mwuka Wera, mu Mubiri w'Umwami Yesu, mu mutekano. "Uwumva Amagambo Yanjye, akizera Uwantumye, afite Ubugingo Buhoraho kandi ntateze kuzanyura mu rubanza, Ahubwo yavuye mu rupfu agera mu Bugingo." Nta rubanza! Umukristo ntateze kuzanyura mu rubanza. Kristo yamugiriyeyo. Umurengezi wanjye yagiye mu cyimbo cyanjye. Yarandengeye, Avuga ko nari injiji. Yabwiye Data ko ntari nkwiriye, ko nari injiji, Ahubwo

ko Yankundaga, kandi akaba Yari yaragiye mu cyimbo cyanjye; Yaje kundengera, none ubu mfite umudendezo! Yego mugabo. None Yamennye Amaraso Ye, hariya, nk'impongano y'icyaha cyacu.

33 Muribuka, ku wa gatatu nimugoroba gishize: nta mukristo n'umwe… Abakristo bakora ibyaha, ariko umunyabyaha ntiyashobora gukora icyaha. Umunyabyaha ntakora icyaha, kuko ari umunyabyaha. Gusa ni umunyabyaha uhereye mu ntangiriro, akabago, nta kindi. Mwumve, urugero, dufate u-umugongo w'iki gitabo, ni umukara, ni mu ruhe rugero ari umukara? Ni umukara cyose. Nta gace na gato gifite k'umweru, ni umukara. Muvuga muti: "Aka gace." Oya, nta na busa, hose ni umukara, hose. Hose ni umukara. Uko ni ko umunyabyaha ameze. Gusa yaciriweho iteka uhereye mu ntangiriro. Mu by'ukuri, muvuga muti: "Yego, ariko tuvuge ko asambana? Tuvuge ko afata umugore ku ngufu? Tuvuge ko tuvuge ko a- ko akina urusimbi? Tuvuge ko yishe umuntu?" Ibyo, ntibitureba. Ibyo, ntibitureba, hari amategeko iwacu, yo kubyitaho. Nta bwo turi abagorozi, turi ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza. Nta teka tumuciraho ku bw'ibyo yakoze, nta teka tumuciraho kuko yasambanye. Tumuciraho iteka kuko ari umunyabyaha! Iyo ajya kuba umukristo, ntiyajyaga gukora ibyo. Ni ukuri. Niba yarahindutse, ntazakora ibyo. Ahubwo impamvu akora ibyo ni uko ari umunyabyaha.

34 Ngaho aho abanyamategeko batera urwishingikirizo rwabo. Yego mugabo. Mwene Data, nyemerera mbikubwire: "Si imirimo, Ahubwo ni ubuntu bwadukijije, binyuze mu kwizera." Yego mugabo. Nyamara buriya nta teka ncira kuri bene Data b'abanyamategeko, ni bene Data. Kandi bazabayo, kimwe n'abandi bose, kuko Imana yatoranirije Itorero Ryayo kuzabayo. Ariko uko bimeze, ni uko mukomeza abantu mu mwiryane uhoraho, ku buryo batabimenya. "None, mu by'ukuri, byashoboka ko niba ndi…" Bamenyeshe ko, igihe bazaba bifuza iby'isi, bazaba batari mu isiganwa.

35 Niba ndi umwizerwa mu maso y'umugore wanjye, si uko ntekereza ko yatandukana na njye. Ndi umwizerwa mu maso y'umugore wanjye, kuko mukunda. Ni igihagararo cyemewe n'amategeko twafashe, kuko dukundana. Icya mbere, mbere y'uko ibyo bishoboka, hagombaga kubaho urukundo. Ndamukunda. N'ubwo nizera ko yajyaga kumbabarira ndamutse muhemukiye, igisigaye ni uko ntabikora uko biri kose. Ndamukunda.

Ni bimwe n'ibya Kristo. Mfite imyaka mirongo itanu, iyo mba nari mbayeho kugeza ku myaka mirongo urwenda cyangwa ijana, nkaba nshigaje imyaka mirongo itanu ndi umubwirizabutumwa, nyuma y'aho sinongere kubwiriza habe n'incuro imwe, nkajya kwiyicarira ku nkombe z'umugezi, naba nkijijwe uko biri kose. Imana yankirishije ubuntu Bwayo, nta cyo mfite cyo kwirata, nta na gito nashoboraga kuba nakora, habe na mba. Ndabwiriza, kuko nyikunda kandi ngakunda ubwoko Bwayo. Kandi, ni cyo kimenyesha ko navuye mu rupfu nkagera mu Bugingo, kuko mbakunda kandi nkajya kubashaka. Uko baba bameze kose, ngiye kubashaka uko biri kose. Jya kubashaka uko biri kose, bagarure uko biri kose. Ababwirizabutumwa batabyemera, abandi batabyemera, amadini ni atabyemera, ibyo ntibyampagarika. Hari Igihari! We, nta cyamuhagaritse! Yageze hagati mu kutizera, kandi ntibyamuhagaritse, Yakomeje kujya mbere uko biri kose. Ni cyo dukora, tujya kubashaka, turabashyikira, uko biri kose. Nta cyo bitwaye, rambura ukuboko, bafate, ubihambireho n'imbaraga zawe zose. Ntuzi abo ari bo. Bakize. Ni urukundo rubigutera. Atari uko "mpaswe kubikora", Ahubwo ari uko nkunda, na mwe mukaba mukunda.

36 Muvuga muti: "Byari bikwiye ko njya gutunganya ibintu hamwe n'uriya mugore, ariko, ngiye kubikubwira none aha, ntekereza ko, ubwo ngiye ku rusengero, nari nkwiye kujya gutunganya ibyo." Oya, ni wowe wari ukwiye kubanza kwitunganya. Murabona? Murabona? Niba ari nta rukundo ufitiye Imana mu mutima wawe, ikintu runaka kikubwira ko wagize nabi, rero jya kwiyuzuza n'Imana. Hanyuma uzajye kwiyuzuza na mugenzi wawe.

Ni cyo Yesu yigishije. Yavuze ati: "Niba uje ku gicaniro, maze hakaboneka… ukibuka ko ufitanye amasinde na n'umuturanyi, cyangwa mwene So, banza ujye kwiyuzuza na we."

37 Noneho, noneho, mu bihe bizaza. Ku wa gatatu nimugoroba, twabonye "ukwerekanwa". Turi bwongere kubivugaho muri iki gitondo, "ukwerekanwa kw'abana b'Imana", buriya, Imana itegereza. Hanyuma, igihe cy'imperuka, ubwo tuzahagarara imbere Ye. Abamalayika ntibazimiye. Ntibazamenya guha agaciro imigisha nka twe, ntibigeze bazimira. Ariko njye, nzi aho mva, nzi ibuye naconzwemo, umunyabyaha. Mwebwe, muzi icyo mwaconzwemo. Rero, tumaze kugarurwa, buriya, dushobora guhagarara imbere y'Imana. Yoo, mbega umunsi uzaba ari mwiza!

38 Hanyuma, ukugirwa umwana, ugushyirwa mu mwanya. Noneho, Imana iriho irakora, Ikora ibi. Sawa, niba nshobora kubereka ibi, hanyuma turahita dukora; noneho umurongo wa 5, ndashaka kuwusoma.

Yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo,

Imana inezezwa no gukora ubushake Bwayo, mu kutugira abana, mu kudushyira mu myanya. Nyamara, icyo Ikora ni iki? Ishyira Itorero Ryayo mu myanya. Icya mbere, Yahamagaye Itorero Ryayo, abametodisite, abaperesibiteriyani, abaluteriyani, ababatisite, Irabahamagara. Hanyuma, ni iki Yakoze? Yohereje Mwuka wera, maze Ibaha umubatizo wa Mwuka Wera.

39 Mwebwe abapantekote, nashakaga ko muvana ibyo mu mitima yanyu. Pantekote si idini, pantekote ni umwitozo. Ni Mwuka Wera. Si idini. Ntiwashobora guhindura Mwuka Wera idini. Ntazabyemera. Sawa, mufite idini mwahaye iryo zina, ariko Mwuka Wera yiviramo maze Akabasiga aho, aho muri, igihe We, yikomereza kujya mbere gusa. Murabona? Pantekote si idini, pantekote ni umwitozo.

40 Rero, Imana yahaye abana Bayo ukuvuka ubwa kabiri, binyuze mu mubatizo wa Mwuka Wera. Baje hafi yabyo, ubwo bezwaga, mu banazareti, mu bagenzi b'ukwera. Hanyuma bagira umwitozo wa pantekote, cyangwa umubatizo wa Mwuka Wera, wo kugarurirwa impano. Bakomeje kujya mbere, bavuga indimi banazisobanura, kandi bahawe impano zo gukiza indwara, gukora ibitangaza, ibimenyetso n'ibitangaza byatangiye kubaherekeza. Ubu ni abana, ni abana b'Imana. Bafite igihagararo muri Kristo. Babaye abana ku bwo Kuvuka. Kandi Ukuvuka ubwa kabiri, no guhinduka ubwako, ni Mwuka Wera.

Nta n'ubwo mwari mwahinduka mbere yo kwakira Mwuka Wera. Ni cyo kivugwa mu Byanditswe. Yesu yabwiye Petero, baza uwo ubonye wese, soma Ibyanditswe, yari yaratsindishirijwe mu kwizera Umwami Yesu, yari yarahindutse umwigishwa, intumwa. Yesu yamuhaye imfunguzo z'Ubwami. Kandi, Yohana 17:17, Yarabejeje, - Yari yarabahaye ububasha, yabatumye kwirukana amadayimoni, n'ibindi, - Yarabejeje. "Ubereshe Ukuri, Dawe, Ijambo Ryawe ni ryo Kuri. Ndiyeza Ubwanjye ku bwabo."

41 Ngiri rimwe mu magambo meza nigeze kumva. "Dawe, Ndiyeza Ubwanjye ku bwabo." Mwari muzi ko Yari afite uburenganzira bwo gushinga urugo? Yari umuntu. Yari afite uburenganzira bwo kugira ibyo bintu byose, Ahubwo ati: "Dawe, Ndiyeza Ubwanjye ku bwabo. Ndiyeza Ubwanjye."

42 Ejo hashize, navuganaga n'umubwirizabutumwa ukuri muto, ngiye kuzabwiriza mu rusengero rwe mu migoroba mike, hariya, ku muhanda w'igihugu. Nataraga amakuru ku kintu runaka, maze ambwira ati: "Yego, Mwene Data Branham, ariko abo mu iteraniro ryanjye, abenshi ntibizera ibyo."

Mvuga nti: "Mbese abenshi bo muri ni abanyamategeko?

- Yego." Uwo mwene Data, we, ntabyizera atyo. "Ariko", avuga, "ku bwabo!" Yoo, nashakaga kumusimbukira ku ijosi. "Ku bwabo, murabona, ndiyeza ubwanjye ku bwabo."

43 Yoo, Yesu yatozaga abagabo cumi na babiri, kugira ngo abo bagabo cumi na babiri babashe kujyana Ubutumwa Bwiza ku isi. Kandi Avuga ati: "Ndiyeza Ubwanjye ku bwabo." Bikorere umuturanyi wawe, bikorere undi. Pawulo yavuze ati: "We kugira umudendezo wawe urusika, Ahubwo wiyeze!" Witware mu baturanyi nk'uko umukristo nyakuri yakagombye kwitwara. Mu mibanire yawe, ni uhura n'umwanzi wawe, wiyeze ku bwe, ntuzi icyo wakagombye gukora.

44 Noneho, gutanga umwanya w'umwana. Icya mbere, nyuma y'aho umwana aziye, rero yari umwana, hanyuma, twabonye ko ari imyitwarire ye yamushyiraga mu gihagararo cyo kwemerwa nk'umwana, ni ukuvuga niba yaritwaraga uko bikwiye cyangwa ntabishobore.

Kandi ni, ubupantekote… Noneho munyemere mbereke ko pantekote atari idini. Ababatisite bari hano ni bangahe, abahoze ari ababatisite, hanyuma bagahabwa Mwuka Wera, nimuzamure ibiganza. Murabona? Abametodisite bari hano ni bangahe, bahawe Mwuka Wera, nimuzamure ibiganza. Abanazareti bari hano ni bangahe, bahawe Mwuka Wera, nimuzamure ibiganza. Abaperesibiteriyani, bahawe Mwuka Wera? Murabona? Abaluteriyani? Andi madini, batagiraga aho bahurira na pantekote na busa, abari mu idini gusa, bakiriye Mwuka Wera, nimuzamure ibiganza. Murabona? Rero, pantekote si idini, ni umwitozo.

45 Rero, Imana yakwinjije mu Mubiri wa Kristo. None ubu ni iki Ikora? Nyuma y'aho ugaragarije ibihamya, ko wejejwe n'imyitwarire yawe myiza, ko wumvira Mwuka Wera, utitaye ku byo isi yashobora kuvuga.

46 Ngi-ngiye guhungura cyane, buriya, murabona, kuko… Sinshaka kugira uwo nkomeretsa. Nda-nda… ndakwinginze, mwe-mwe-mwe gutekereza ko ni-ko nita kuri bike. Sinshaka kumera gutyo. Ikinsenya, ni iyo mbwiriza abantu uku Kuri koherejwe n'Imana, hanyuma bagasubira inyuma kandi bagakomeza gusubira inyuma, bavuga ko bafite Mwuka Wera. Biroroshye cyane, ni nk'aho bigusenya, murabona. Ni ibiki? Bahita basubira muri bya bindi, neza neza kimwe n'abana ba Isirayeli, bishakiraga umwami, kugira ngo uwo mwami abategeke anabakoreshe nk'Abamori, Abamaleki n'Abafilisitiya.

47 Mwaba mubizi, mwa bagore mwe, ko ari bibi kwambara amapantalo? Murabizi? Mwaba muzi ko ari bibi kogosha umusatsi wanyu? Waba ubizi, mugabo, ko ugira nabi, ukomeza kunywa itabi no kwitwara uko witwara? Waba uzi ko ugira nabi iyo utaba umugabo mu rugo rwawe: umugore wawe ajya ata umutwe, akaguta hanze, maze ukavuga uti: "Yego, mukundwa, Imana iguhe umugisha, ndahita ngaruka." Byashoboka bite ko wakwita ku Nzu y'Imana niba utanashoboye kuyobora urugo rwawe bwite? Ni ukuri. Waba uzi, mushi wacu, ko umugabo wawe atari umugabo gusa, ko Ahubwo ari n'umutware wawe? Ni Imana yabivuze. Mu by'ukuri, si umugabo washutswe, umugore ni we washutswe. Kandi mwebwe, ababwirizabutumwa, mugira abagore abashumba n'ababwirizabutumwa mu nsengero zanyu, kandi muzi ko Ijambo ry'Imana ribiciraho iteka.

48 Ubuziraherezo, mugiye gufata izina rya "Data, Umwana na Mwuka Wera" mu kubatiza, igihe ari nta

murongo n'umwe w'Ibyanditswe ubishyigikira, muri Bibiliya. Nashakaga ko hagira arikiyepisikopi cyangwa undi wese wanyereka, muri Bibiliya, aho baba baragize uwo babatiza mu izina rya "Data, Umwana na mwuka Wera". Nashakaga ko hagira unyereka aho baba baragize uwo babatiza mu rindi zina uretse Irya Yesu. Irya Yohana ntiryari… Kubatizwa, bari barabatijwe, bizera ko Yari agiye kuza, gusa ntibari bazi uwo Yari we. Ariko, aho baboneye ibyo ari byo, byabaye ngombwa ko babatizwa bundi bushya, mu Izina rya Yesu Kristo. Nashakaga ko hagira uwa-… Nabajije Amateraniro y'Imana, abandi babwirizabutumwa, ababatisite, abaperesibiteriyani, n'abandi. Banga kugira icyo babivugaho. Nashakaga kureba Ibyanditswe.

Hanyuma, ni njye "munyabikabyo", yemwe, nyuma, ndi "umusazi", nataye umutwe, ndi "ikigoryi", ari nta yindi mpamvu uretse kubabwiza Ukuri? Buriya, mvu-mvugisha Ukuri, bene Data. Iyo umuntu yihaye Imana, ukwiye kuyiyegurira wese, uhereye kuri A ukageza kuri Z. Ushyizwe ukwawe. Uri ikiremwa gitandukanye.

49 Hahamagawe benshi, ariko abatoranijwe baba bake. Yego, hari benshi bahamagawe; umuntu agira umuhamagaro mu mutima we: "Yego, nizera ko Imana inkunda. Ndabyizera." Ariko, mwene Data, ibyo… uzarimbuka kimwe n'abandi. Mu by'ukuri, bazahagarara hariya kiriya gihe, ndetse bavuge bati: "Mwami, nirukanye amadayimoni mu Izina Ryawe. Nakoze ibisigaye byose mu Izina Ryawe. Nakijije abarwayi mu izina Ryawe. Nabwirije ubutumwa Bwiza. Nirukanye amadayimoni."

Maze Yesu azavuga ati: "Mva imbere, nta n'ubwo Nigeze kukumenya, wa ndyarya we. Ni ukora ubushake bwa Data!" kuki abantu batabibona? Sawa, nzi ko binyukanyuka. Kandi si-simbikorera ubwende kubakomeretsa, simbikorera ubwende. Ahubwo, mwene Data, nda…

50 Bigaragara ko turi - turi mu bihe bya nyuma, kandi Imana iriho iragira abantu abana Bayo, gushyira mu myanya, mu Itorero, mu Mubiri wa Kristo, Abayo. Nyamara, Ntizahashyira benshi, nshobora guhita mbibabwira. Muvuga muti: "Yoo, mu by'ukuri, haba abantu benshi cyane!" Yego, ariko hashize imyaka ibihumbi bitandatu Ibasohora. Mwibuke, izuka ryarabaye, tukaba twarazamuranywe na bo. Hazaba bake, murabona. Murebe iby'agakiza kanyu uko bimeze, nimwihute, mwisuzume kugira ngo murebe ikitagenda. Murabona? Kugira ngo mubone uko ibintu- uko ibintu bimeze mu by'ukuri. Nzi ko bi-ko bikakaye kubyumva, ariko, bene Data, ni Ukuri. Ni Ukuri kw'Imana.

Ukugirwa umwana!

51 Twakagombye kuba twuje ishyaka ryinshi ry'iby'Imana, twakagombye kuba ku murimo amanywa n'ijoro. Nta cyakagombye kuduhagarika, kandi twakagombye kuba abagwaneza bya cyane n'abanyagikundiro bya cyane, tukagira ingeso nziza kandi tukarushaho gusa na Kristo bigaragazwa n'uko tubayeho. Ni ubuzima bwa buri gihe. Yesu yavuze ati: "Mwitegereze uko uburabyo bwo mu gasozi bukura, buboha imyenda; nyamara Ndabamenyesha ko Salomo, mu bwiza bwe bwose, atarimbaga nka kamwe muri bwo." Salomo yambaraga imyenda yo mu rwego rwo hejuru, n'ibindi, ariko si ibyo Yavugaga. Kugira ngo ururabo rbashe gukura, rugomba gukora ijoro nk'amanywa. Kuki uhitamo kujya kwihambira ku rundi ruhande rw'umugozi? Niba umukiranutsi yikiza ha Mana, bazamera bate umunyabyaha (umutizera) n'umutera (uwumva Ijambo ry'Imana ariko akanga kurigenderamo)? None aha, ni iki tugiye gukora?

52 Uru ni, uru ni urusengero rwacu. Hari abashya bari muri twe bane cyangwa batanu. Ariko ni urusengero, ndiho ndaba icyigisho. Kandi byafashwe amajwi. Ndashaka ko abantu bazumva amabande bazibuka ko ibi bireba urusengero rwanjye. Iyo ndi hanze, hagati mu bantu, hariya, ngerageza kuba umuntu mwiza mbababwira, ngo dukurikire buhoro, kubaguyaguya buhoro mu bitekerezo byabo bigufi by'amata y'inshyushyu. Ariko iyo ari ibyo kuvuga Ukuri mu by'ukuri, reka tukuvuge.

53 Ukugirwa umwana, ugushyirwa mu mwanya! Bari he? Nyereka aho bari. Imana, ihamagara abana Bayo, Ibashyira ukwa bonyine, mu kuberekana. Nta bwo bakeneye kugira icyo babivugaho, murabona ko hari icyabaye. Ishyira umwana Wayo mu mwanya we, Imuha umwanya we, neza neza ibintu bimwe. Afite ubutware bungana, ijambo rye ringanya uburemere n'irya Malayika ukomeye, no kurirusha. Umwana yari yashyizwe mu mwanya, yashyizwe ahirengeye, bamujyanaga hariya, bakamwambika umwambaro mushya, w'ibara rishya. Se akabyizihirisha ibirori, akavuga ati: "Nguyu umwana wanjye, uhereye none ni we utegeka. Ni we uyobora. Ni we ukuriye umutungo wanjye wose. Ibyo mfite byose ni ibye." Ni ukuri.

54 Hanyuma, twagashoboye kongera gufata Elah, Elah, Elohim, Elohim, murabona, igihe ari Yo yari yibeshejeho Ubwayo. Kandi kugaruka kuri Yehova, wagize icyo arema, Yahaye umuntu ubutware ku isi. Ni iki dutegereje? Ukwerekanwa. Isi iraniha. Ngaho, dusome. Sawa.

…yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo, kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe…

Ubuntu Bwayo, ni iki? Hashize igihe kirekire, mbere, ubwo Itari Data; ubuntu Bwayo, urukundo Rwayo, Yikoreshereje Umwana Wayo, kugira ngo tubashe kugirwa abana Bayo, ku bw'ikuzo ry'ubuntu Bwayo. Murabona?

…ubwo yaduhereye mu mukundwa wayo, ari we Kristo.

Yatwemeye ate? Binyuze muri We. Ni gute twinjira muri We? Binyuze mu Mwuka umwe, twabatirijwe kwinjira muri We. Mutege amatwi.

Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ari ko kubabarirwa i-b-y-a-h-a byacu…

55 Ni gute washobora kubwiriza ugutoranya, kw'Imana ishyiraho mbere kandi Igashyira mu myanya, hatagize ahaba ihongera ry'ibyaha? Ni ukubera iki rero? Buri munsi uribeshya, buri munsi ukora ikibi. Gusa, niba uri umugabo wavutse ubwa kabiri, cyangwa umugore wavutse ubwa kabiri, ukimara kwibeshya, Imana izi ko uhita ubyicuza. Wagashoboye guhagarara imbere ya - ya perezida Roosevelt, cyangwa undi wese, maze ukavuga uti: "Narakosheje, Imana imbabarire kuba narakoze iryo kosa." Kubera iki? Ni ho Amaraso y'impongano…

Mwitegereze, ni "i-b-y-a-h-a". Umunyabyaha ni umunyabyaha, nta bwo akora icyaha. Ahubwo itorero rikora ibyaha, rigira nabi, rigira igitekerezo kibi, kumva ibi nabi, rigira amakosa, rigenda ridandabirana, nk'umwana muto utaguza, ugerageza kwiga kugenda. Nta bwo aramenya gutera intambwe ihamye, kuko ari umwana muto. Ariko hari Ikiganza kitumanukira, niba tu-… Iradufata, maze Ikaduhumuriza, hanyuma Ikavuga iti: "Tera intambwe utya, mwana Wanjye." Nta bwo Izadufata ngo Idukubite akanyafu kuko twakosheje, Ntidukubita byo kutwica kuko twagerageje gutaguza. Iradukunda, nk'uko dukunda abana bacu.

56 Umubyeyi nyakuri ntazakubita umwana we, niyitura hasi agerageza gutaguza. Azamuhereza ukuboko, ukuboko kunini gukomeye, azamubyutsa, kandi azamufatisha amaboko ye yombi, maze amubwire ati: "Ni uku ugomba kubigenza, mwana Wanjye. Genda utya."

Ni uko Imana ikorera Itorero Ryayo! Imuhereza ukuboko, Imuterura mu maboko Yayo, Iramubyutsa maze Ikamubwira iti: "Genda utya, mwana Wanjye. Tega amatwi, we - we - we kubivuga utyo, bivuge Utya. Sawa, icyo itorero ryavuga cyose, icyo uyu yavuga cyose, icyo uriya yavuga cyose, wowe, kivuge Utya. Uku; Uku ni ko gukwiriye! Niba Ijambo Ryanjye ribibwiriza, uryihambireho, gendana na Ryo. Uryihambireho! Ibyo abandi bose bashobora kuvuga, wowe, uryihambireho. Genda Utya. Ni uku ugomba gutera intambwe zawe."

57 Ibyaha byacu; urukundo rwahongereye ibyaha byacu, bitabaye ibyo ntitwajyaga by'ukuri gutsimbarara kuri ayo Magambo!

… nk'uko ubuntu bwayo buri, ubwo Imana - ubwo Imana yadushagirijeho…

"Mu buryo busaga", bishaka kuvuga iki? Mbega byiza! Yabudushagirijeho, "ibirundo, bwinshi".

…ubwo yadushagirijeho bukatubera ubwenge no kumenya,

"Ukumenya; ubwenge Yadushagirijeho bwose." Bukatubera "ubwenge", butari ubw'isi. Ubwenge bw'isi ni ubupfu imbere y'Imana, kandi ubwenge bw'Imana ni ubupfu mu maso y'isi. Ni nk'amanywa n'ijoro, ntibishobora kujya imbizi (kubangikana). Ariko iyo izuba ritangiye kurasa, iyo bukeye, iyo ijoro rihunze mu mpande zose. Kimwe n'ibyo, iyo Umucyo w'Ubutumwa Bwiza utangiye gucengera, iby'isi bitangira kubura byose. Icyo gihe ni ibiki biba? Isagiriza Umucyo w'Izuba ku bana Bayo, bagendera mu Mwuka, bayobowe na Mwuka w'Imana, buje igisagirane cy'ubuntu Bwayo, bukatubera ubwenge no kumenya, no kumvikana, no kugenzura ibintu ngo tumenye uburyo twagenda. Niba mubona ko ari bibi, rero mujye mugira amakenga mu byo mukora, mu buryo bwanyu bwo… Niba ari bibi, mujye munagira amakenga mu buryo bwanyu bwo kubitangira. Abanyamakenga! Murebemo mwitonze, muhamirizwe neza ko muzi uburyo bwo kubitangira. Kugira amakenga nk'inzoka, kutagira amahugu nk'inuma. Ni byo Yesu yavuze.

58 Yoo, ibyo ni imitungo iruta zahabu, ncuti zanjye! Twagashoboye gusa kubigumaho iminsi n'iminsi. Ni ibintu byiza cyane, si byo? Amakenga, ubwenge, Yadushagirijeho, Yamennye! Nta bwo Yaduhaye ku kiyiko, Ahubwo Yafashe igitiyo kinini, maze Ikomeza kudushiburiraho, Itya. Yadushagirijeho ubwenge ndetse n'amakenga by'ubuntu Bwayo! Yoo, buntu butagira ingano bw'Imana yacu!

Rero, ubwo Imana yadushagirijeho bukatubera ubwenge no kumenya, itumenyesha ubwiru bw'ibyo ishaka,…

Ni nde Ibwira? Amadini? Ndabinginze, bene Data, mwe gutekereza ko nima agaciro idini ryanyu, si ibyo. Icyo ngerageza kubabwira, ni uko icyo kintu cyari gipfuye uhereye mu ntangiriro. Yesu yavuze ati: "Mugende mubwirize Ubutumwa Bwiza", mazwe tujya gushinga amadini. Ni yo mpamvu ari nta Cyo dufite, tugendera mu bwenge bwa kimuntu. Iyo aba Kaluvini (Calvin) yari ashoboye kuzuka!

59 Mwumve, nta gihe gishize, nageze iruhande rw'igituro cy'umuntu ukomeye, umugorozi ukomeye. Kandi natekerezaga nti: mbega ngo araba umuntu ukomeye! Nta gushidikanya! Mu by'ukuri, …Yari John Wesley. Maze nibwira nti: Iyo aba John Wesley yari ashoboye gusohoka muri iki gituro none, ngo abone uko idini rye rihagaze ubu, izina rye ryakamukojeje isoni. John Wesley yari umuntu wuje ukwera, umwase waka, nk'uko yabivugaga. John Wesley yari umuntu wera, wizeraga Imana kandi akayikurikira intambwe

ku yindi. Ariko nyuma y'aho John apfiriye, bavuze bati: "Tugiye gushinga idini nko guhesha John icyubahiro. Tugiye gushinga idini ryacu maze turyite idini rya kimetodisite, kubera gahunda ye, yo kwezwa nk'umurimo wa kabiri w'ubuntu."

Rero, bashinze idini, none ubu abo bantu b'idini bahakana icyo John Wesley yari ahagarariye. John Wesley yabwirizaga Imana ikiza indwara. John Wesley yizeraga umubatizo wa Mwuka Wera. John Wesley yizeraga ugushumbushwa kw'impano kose. John Wesley, Martin Luther, na benshi muri bariya bantu bakomeye bavugaga mu ndimi kandi bakazisobanura. None ubu, uramutse uvuze mu ndimi mu rusengero rwa kimetodisite cyangwa mu rusengero rwa kiluteriyani, bakunaga hanze. Ni ibiki bibaye? Rwagati mu gihe twakabaye dushyira abana mu myanya, ni ibiki bibaye? Bayobotse ibindi, kuko batazi ubwiru bw'Imana. Kandi ntibateze kuzabumenyeshwa na seminari!

60 Hari icyo ngiye kubasomera hano. Twaba tubyemeranya? Ni byiza. Dufate rero, hari icyo nanditse hano. Turebe uburyo Pawulo… Noneho, uyu ni uwabwirije ubu Butumwa. Dufate Ibyakozwe 9:5 akanya gato. [ahatagira ijwi kuri bande - U.I.] Mumenyeshe ni ngira…? …

Ubwo Sawuli, agifite urugomo… (Yoo, uwo Muyuda mugufi w'umugome kandi w'umunyaburakari w'izuru ryigondoye!) …ubwicanyi bwibasiraga abigishwa b'Umwami ajya ku mutambyi mukuru, maze amusaba inzandiko ajyana mu isinagogi y'i Damasiko, kugira ngo, ni abona…

"Ngiye kubahiga! Iyo mba gusa nari mbabonye, yoo, mbega! Mbega icyo nzabakorera! Murabona, iyo mba gusa nari mbashije kubabona!" Ariko yari yaratoranijwe!

61 Ni iki kikubwira ko uroya mucuruzi w'inzoga atatoranirijwe Ubugingo? Ni iki kikubwira ko iriya ndaya, utanashaka kubwira ijambo, ni iki kikubwira ko kumukora mu ntoke gusa no kumurarikira kuza mu nzu y'Imana bitamugira uwera w'Imana, hariya mu Bwiza? Ryari… Ni iki kikubwira ko atari umwe mu bera? Ni cyo tutazi.

Ahubwo ni inshingano yacu. Nk'umurobyi wajugunye urucundura rwe mu nyanja, kandi akarunaga i musozi, yarobye ibikeri, amafi, imiserebanyi, ibitagangurirwa byo mu mazi, n'ibindi, ariko harimo n'amafi. Nta cyo yari azi, icyo yakoze gusa, ni ukunaga urucundura. Ni cyo dukora. Mwitegereze Pawulo.

…asaba inzandiko z'isinagogi y'i Damasiko, kugira ngo, niba yari abonye abarwanashyaka b'inyigisho nshya, abagabo cyangwa abagore, yarababoshye maze abajyana i Yerusalemu. (Mwene Data, nta mpuhwe yagiraga mu by'ukuri!)

Ubwo yari akiri mu nzira, yenda kugera i Damasiko, muri ako kanya…

Umupadiri yageze ku muhanda, dogiteri F.F. Jones, maze uyu amubwira ati: "Ikigukwiye ni u-umwitozo wa seminari, noneho, mwana wanjye, nyuma y'ibyo ntekereza ko Imana yashobora kugukoresha"? Byaba biteye ubwoba kubona umurongo nk'uwo, gusoma ibyo, ntimubona? Sawa, Ahubwo bihagaze kimwe n'icyo tubikoresha none. "Urabizi, nyoko yari umubyeyi w'intwari, ntekereza ko wajyaga kuba umubwirizabutumwa mwiza."

62 Murebe neza icyabaye.

Nk'uko - nk'uko yari ari mu nzira, yenda kugera i Damasiko, muri ako kanya umucyo… (Fiyu, ntibisanzwe uhereye mu ntangiriro.) …umucyo uturutse mu ijuru uramugota.

Yitura hasi, maze yumva ijwi… ryamubwiye riti: Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?

Asubiza ati: uri nde Mwami? Maze Uwiteka amubwira ati: Ndi Yesu uwo urenganya. Ntibyakorohera gutera imigeri ku mihunda y'Imana.

Yahindaga umushyitsi kandi afite ubwoba, hanyuma avuga ati: Mwami, ni iki unshakaho? Maze Umwami amubwira ati: Byuka, jya mu murwa, hanyuma bazakubwira icyo uzakora.

63 Maze abantu bari bamugaragiye, bakomezanya urugendo na we, hanyuma bagera ku muntu, Ananiya, hariya, wari wahawe iyerekwa. Ntibisanzwe mu mpande zose! Hanyuma wa musaza Sawuli, uwo muntu w'umugome! Uwo Ananiya, yari yahawe iyerekwa, yari yabonye, mu nzu ye. Yari umuhanuzi, yari ari mu nzu ye, yarasengaga, maze abona iyerekwa. A-… Umwami aramuvugisha, maze Amubwira ati:"Hari umugabo uje hariya, ku muhanda, yahumye nk'ifuku, kandi yitwa Sawuli, ni Sawuli w'i Taruso."

Avuga ati: "Mwami, numvise bavuga byinshi. We kunyohereza, ndi umuntu muto. We kumuntumaho."

Avuga ati: "Ahubwo, dore, mu nzira, Namuhaye iyerekwa. Namubonekeye Ndi mu Nkingi y'Umuriro. Namuhumye neza neza. Byambereye ngombwa kumuhuma no kumusenya, mbere y'uko Mbasha kugira icyo muhinduramo. Urabona, byambereye ngombwa ko murutsa tewolojiya ye yose. Urabizi, yari - yari - yari umuntu ukomeye muri rimwe muri ariya madini. Yari afite impamyabumenyi z'uburyo bwose, nta bwo yari akeneye kunoza amashuri ye mu kintu na kimwe, Ahubwo", ni ko Yavuze, "Icyambereye ngombwa

gukora, ni ukumurutsa ibyo byose."

64 Icyo ni cyo cyari gikwiye. Ntikwari ukumwongerera ibyari bimurimo, Ahubwo kubimukuramo. Nsanga icyo ari cyo kibazo, none, kuri benshi mu bavuga ko bihaye Imana b'iwacu; mukwiye kubyikuramo, kugira Imana ibashe gushyira Mwuka Wayo imbere. Gusohora ibyo! Buriya, yavugaga ko ya-…

Avuga ati: "Mwami, ariko uriya mugabo ni umuntu uteye ubwoba."

Avuga ati: "Ahubwo, dore, arasenga. Noneho, umanuke agahanda runaka, hanyuma uraza kugera ku iriba. Ni umara gutambuka iryo riba riri ibumoso, uze gukomeza. Haraba hari inzu y'umweru, ujyeyo maze ukomange. Araba arambaraye hariya mu muryango, ntibabashije kumugeza kure. Umurambikeho ibiganza, umujyane ku mugezi w'i Damasiko, maze umubatize mu Izina rya Yesu. Mu by'ukluri, Ngiye kukubwira icyo Ngiye gukora, bizamubera ngombwa ko ambabarizwa cyane, kuko ari we ntumwa Yanjye ku banyamahanga." Amina!

65 "Mu by'ukuri, tegereza akanya gato, Mwami! None, ni irihe shuri namugira inama yo kujyamo?" Ngiye kubabwira icyo tugiye gukora, dusome Abagalatiya, maze turebe ibyo ari byo. Igice gikurikiyeho, wigiyeyo. Turebe mu Bagalatiya 1, duhereye ku murongo wa 10, turebe ishuri Pawulo yagiyemo, iseminari yagiyemo, n'ibiganza byamurambitsweho, kandi, yoo, ibyabaye byose. Abagalatiya, igice cya 1. Kugira ntabatwara igihe kirekire, duhere ahavugwa ihinduka rye, ku murongo wa 10.

Yoo, la la! la la! Munyemerere ngire ikintu gito mbanza kuvuga hano. Abagalatiya 1, mufate igice cya 8. Ni bangahe bazi ko ari Pawulo wategetse bariya bantu kongera kubatizwa mu Izina rya Yesu, mu Byakozwe 19? Nta shiti. Dufate imirongo yo hejuru, hano, u-umurongo wa 8.

Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe cyangwa malayika uvuye mu ijuru, avumwe!

Wabukuye he, ubwo Butumwa Bwiza, Pawulo? Umurongo wa 9.

Nk'uko twabanje kubivuga na none nongeye kubivuga nti: niba umuntu ababwira ubutumwa budahura n'ubwo mwemeye mbere avumwe!

N'aho yaba Malayika ukomeye, n'aho yaba ari umwepisikopi, n'aho yaba umugenzuzi mukuru, n'aho yaba dogiteri Runaka, uwo ari we wese niba atabwiriza umubatizo wo mu mazi mu Izina rya Yesu Kristo, umubatizo wa Mwuka Wera, niba atabwiriza ukugarurwa kw'impano za Mwuka Wera, Ukuza kwa Kristo, ibyo bintu byose, avumwe! Niba ashaka gufata igice cy'Ijambo, hano, maze agashaka kuvuga ko ari iby'ikindi gihe, hanyuma akagira ikindi yongeraho yigiye muri seminari kidasobanutse, aciriweho urubanza!

66 Dukomeze gusoma, kugira ngo tubone uburyo Pawulo yabwakiriye, kubona uburyo, icyo ngerageza kubabwira muri iki gitondo.

Mbese noneho ni ishimwe ry'abantu nshaka, cyangwa ni iry'Imana? Cyangwa se ni abantu nshaka kunezeza? Iyo aba nkinezeza abantu simba ndi imbata ya Kristo.

Ni gute nagira icyo ntegereza, ni gute umuntu ukunda Imana, cyane cyane umubwirizabutumwa, hari ikindi yategereza uretse kwangwa n'abantu? Abantu bazakwanga. Mu by'ukuri, bavugaga… Yesu yavuze ati: "Niba Njye, Nyira urugo, banyita… Ni Njye Mutware, ubaruta mwese. Ni Njye ushobora gukora ibitangaza birenze ibyanyu mwese, kandi Nkabarusha gukora byinshi, ku bwa Mwuka Wera, kuko ukuzura k'Ubumana kose kuri muri Njye. None banyise Belizebuli Ndi igiti kibisi, bizacura iki nibabageraho mwebwe biti byumye? Ariko mwe guhangayikishwa n'icyo muzavuga, kuko atari mwe muzavuga, Ahubwo Data uguma muri mwe ni We uzavuga muri ako kanya. Mutsimbarare gusa ku Ijambo." Kandi, ubwo Yarangizaga kwandika Igitabo, Yavuze ati: "Uzarigabanyaho n'Ijambo na rimwe, cyangwa akaryongeraho n'ijambo na rimwe, azagabanywa ku giti cy'Ubugingo, uwo." Imana idufashe kuritsimbararaho!

67 Noneho, umurongo ukurikiyeho, ngiye gusoma, hariya, duome twihuse noneho.

Ndababwiye… ni ukuvuga ko tuzahurira mu rubanza hamwe n'ibi. Ndababwiye bene Data, ko Ubutumwa bwabwirijwe na njye atari ubw'umuntu;

Sawa, sindi umumetodisite, habe no kuba umubatisite, habe no kuba umuperesibiteriyani, habe no kuba umupantekote; ntibwari ubw'umuntu.

Kuko na njye ntabuhawe n'umuntu, kandi sinabwigishijwe n'umuntu, …

"Sinigeze mbuhabwa n'umuntu, habe na seminari, habe n'umudogiteri n'umwe, habe n'umunyatewolojiya n'umwe, habe n'ikigo cy'ishuri na kimwe. Nta bwo nigeze mbuhabwa ntyo." Rero, ni gute bwaje Pawulo?

…sinabwigishijwe n'umuntu, Ahubwo ni Yesu Kristo wabumpishuriye.

"Ubwo Kristo yanyihishuriraga, Yampishuriye ko Yari Umwana w'Imana, ubwo ya Nkingi y'Umuriro yamanukiraga kiriya gihe, namubwiye nti: 'Uri nde, Mwami?' Ansubiza ati: 'Ndi Yesu.'"

68 Noneho, ngiye kubereka ibya-ibyabaye. Ubungubu, umuntu abaye abonye umwitozo, bakwifuza kumwigisha ikigiriki mu gihe cy'imyaka icumi maze bakamwigisha ibindi indi cumi, hanyuma nyuma y'ibyo byose, akaba aracogoye. Nimurebe.

…sinabwigishijwe n'umuntu, Ahubwo ni Yesu Kristo wabumpishuriye.

Mwumvise ingeso zanjyenari mfite kera ngikurikiza idini ry'Abayuda, …

"Nari umwigisha ukomeye, yoo la la! Nari mfite ibyangombwa byose." Yari yarigiye ku birenge bya Gamaliyeli, umwigisha w'ikirangirire wari uriho mu gihugu. Ni bangahe bazi ko Gamaliyeli yari umwe mu - mu bigisha b'ibirangirire? Yego mugabo. "Idini ryanjye rya kiyuda, yoo, la la! nari nzi nzi ibyaryo mu mutwe; nari nzi ibyo byose, gusubiramo Imyizerere y'Intumwa, na biriya bintu byose, murabona. Nari nzi gusubiramo amasengesho ya mugitondo yose no guhesha abandi umugisha." Murabona?

…nari nkabije kurenganya Itorero ry'Imana, uburyo nageragezaga gufunga iryo tsinda ry'abanyabikabyo! Murabona?

Nitwazaga idini ry'Abayahudi...

"Nari umuntu ukomeye. Muhungu wanjye, nitwaje idini, mbereka ko nshoboye kubasenya (abakirisito), kuko nishe Sitefano n'ibindi byinshi nakoze. Urabona uburyo nakoze." Ibyo birenze igipimo, yatoteje...

69 Uburyo narushaga benshi bo mu bwoko bwacu tungana gukurikiza idini ry'Abayuda, kuko nabarushaga kugira ishyaka ry'imigenzo twahawe na ba sogokuruza.

Noneho, mwibuke, atari ku bw'Ijambo ry'Imana, Ahubwo ari ku bw' "imihango ya ba sekuruza", imihango y'idini, mu yindi mvugo. "Ntekereza ko nari umumetodisite kugeza mu misokoro, ko nari umubatisite kugeza mu misokoro, ko nari umupantekote kugeza mu misokoro." Yoo yego? Njye, ndashaka kuba Imana kugeza mu misokoro. Yego, ni ibyo.

…imihango ya ba sekuruza.

Ariko Imana yantoranije nkiri mu nda ya mama, impamagara ku bw'ubuntu bwayo,

Kandi ubwo yashimaga kumpishurira Umwana wayo, …

Ibi ni ibiki? "Mwuka Wera muri njye! Imana yantoranije nkiri u nda ya mama, Impa Umwana Wayo, ni ukuvuga Mwuka Wera, mu ishusho ya Mwuka muri njye, kugira ngo Yihishurire muri njye." Yoo, la la! Fiyu! Nkeka nifuza kurangurura akanya gato.

70 Mwitegereze, ngiye kubabwira, bene Data. Ubwo Imana yantoranyaga! Yoo, haleluya! Ubwo Imana yantoranyaga! Data w'umusinzi. Mama, - Imana iguhe umugisha, mama, nta kibi nkuvuzeho, hariya, - umubyeyi utari azi Imana birenze uko urukwavu rwamenya agakoresho gafasha inkweto kugendera hejuru y'urubura kitwa "raquette a neige". Na so wisangaga arambaraye, yasinze, mu muhanda. Kandi nta n'udukweto nagiraga two kujyana ku ishuri, n'imisatsi miremire yampfukaga irugu, hanyuma abantu bose bo muri Indiana bakanyanga kuko naturukaga muri Kentucky. Kandi, mbega, yoo, mbega ngo biraba bibi kubibona. Ahubwo Imana yarantoranije! Amina! Imana yantoranije nkiri mu nda ya mama, Yishimira guhishurira muri njye Umwana Wayo, Ingira umugabura w'Ijambo wajyaga kurifuhira, uwo Yajyaga kwerekaniramo amayerekwa, ibimenyetso, ibitangaza. Kandi, yoo, la la!

71 Murabona icyo yari ariho avuga? Imana yishimiye gukora ibyo! Ite? Mwumve neza. "Guhish-…" Mufate umurongo wa 16 noneho.

Guhishurira muri njye Umwana wayo, kugira ngo mwamamarize abanyamahanga, igihe ntagiye kureba itorero,

"Sinagiye kureba umwepisikopi ngo mubaze icyo gukora. Sinagiye kureba inyama n'amaraso, habe n'idini, habe n'ikindi cyose. Nta ho nari mpuriye na bo. Sinigeze njya kureba inyama n'amaraso. Sinazamutse i Yerusalemu habe na busa, ngo ndebe abakomeye n'abatambyi bera bose, na ba data bera, na bariya bose, ngo mbabwire nti: "Noneho, murabizi, nabonye iyerekwa ni iki nabikoraho? Nabonye mu iyerekwa Yesu ushimwa. Bajyaga kuvuga bati: 'Tuve imbere, wowe! Ni iki cya-… wa kanyabikabyo we! Turebe, ni iki cyakubayeho?' Oya, impamyabumenyi zabo zose, nari nzisanganywe. Byambereye ngombwa…"

72 Kandi Pawulo yavuze hano, nshobora kubibereka mu Byanditswe, yavuze ko byamubereye ngombwa kubanza kwibagirwa ibyo yari yarize byose, no kubibona nk'ibitagira umumaro, kugira ngo abashe kumenya Kristo. Yoo!

Sinahereye ko nzamuka i Yerusalemu gusanga abambanjirije kuba intumwa, Ahubwo nagiye muri Arabiya kandi mvuyeyo nsubira i Damasiko.

Ni uko imyaka itatu ishize ndazamuka njya i Yerusalemu gusura Kefa, mara iwe iminsi cumi n'itanu.

Kandi dukomeza gusoma, turabona ko we n'intumwa Petero batari barigeze kubonana mbere, nta bwo bari barigeze kumenyana, ariko ubwo babonanaga, babwirizaga Ubutumwa Bwiza bumwe. Imana ifite ishuri. Murabona? Yego!

73 Hano, hari Petero, wari hariya umunsi wa Pantekote, avuga ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, ngo mubabarirwe ibyaha byanyu, maze na mwe muzahabwe iyi mpano ya Mwuka Wera."

Filipo yavuze ati: "Yoo, mbega ukuntu ari byiza! Na njye, ngomba kugira icyo nkora. Mu… Nabonye umuhamagaro wo kujya muri Samariya." Yagiyeyo maze atangira guhamya mu muhanda. Muri ako kanya umurwayi aba arahageze, amurambikaho ibiganza, none dore ngo arasimbagurika. Avuga ati; "Imana ishimwe, birahagije!" Ahita agira amateraniro atagira uko asa. Avuga ati: "Mukwiye Mwuka Wera mwese." Avuga ati: "Icyo mugomba gukora, ni ukubatizwa mu Izina rya Yesu." Rero bose yabajyanye hariya, maze ababatiza bose mu Izina rya Yesu. Avuga ati: "Ngo ino Petero, barambikeho ibiganza noneho." Hanyuma bakira Mwuka Wera.

Petero, hariya, mu nzu ya Koruneliyo, ni bimwe.

74 Pawulo nta n'ubwo yari yarigeze kumuca iryera habe no kumva aho bamuvuga. Ahubwo yanyuze mu bihugu byo haruguru asohora muri Efeso, asangayo abigishwa bamwe. Asangayo umubwirizabutumwa w'umubatisite, - ni cyo yari cyo, - Apolo, umunyamategeko wahindutse, umunyabwenge, umuhanga, wakoreshaga Isezerano rya Kera ngo yerekane ko Yesu yari Umwana w'Imana. Yego mugabo, yari umunyabwenge. Kandi bari basabwe n'ibyishimo, bari mu munezero. Ni ko Bibiliya ivuga. Musome ibice 18 na 19 by'Ibyakozwe, muri bumenye ko ari ukuri. Bari mu byishimo, babyiniraga mu Mwuka, birukaga mu byerekezo byose, murabizi. Pawulo yavuze ati: "Mbese mwahawe Mwuka Wera mukimara kwizera?"

75 Na mwe, bene Data b'Ababatisite, mugerageza kuramiza abantu ibyo, mubabwira ko inyandiko z'ikigiriki z'umwimerere zivuga ziti: "Mbese mwahawe Mwuka Wera mumaze…cyangwa, ubwo mwizeraga?" Ndabahinyuje ngo muzanzanire ngo muzanzanire inyandiko z'ikigiriki! Mfite inyandiko z'umwimerere nk'umutungo wanjye. Mfite n'ikiyaramayika, n'igiheburayo. Muri buri yose, handitswe ngo: "Mbese mwahawe Mwuka Wera mukimara kwizera?"

Mwakijijwe no kwizera, byanyuze mu kwizera Imana kwanyu. Amaraso abarindira kure y'icyaha, kuko akora nk'igitambo. Amaraso ntagukiza, Amaraso arinda ukwera kwanyu. Muvuga ko mwakijijwe mute? Ni ku bwo kwizera mwakijijwe, kandi ibyo, bikanyura mu kumenya ibintu mbere kw'Imana, yabahamagaye. Mwarakijijwe, kandi Amaraso atubera impongano, ahora arinda ukwera kwanyu. Kandi mu Mwuka umwe mwarabatijwe, kugira ngo mwinjire mu Mwuka Wera, mu busabane n'abizera no mu busabane na Mwuka Wera, kugira ngo muyoborwe na Mwuka, akora ibimenyetso n'ibitangaza.

76 Hagati aho, dukomeza kujya mbere, hari icyo dutegereje; tugiye kubireba mu kanya, ndabyiringiye uko biri kose. (Ni cyo gihe nari nakubwiye kuncira amarenga, si byo?) Ni bwo nkimara kureba isaha. Hari ijambo rimwe cyangwa abiri y'inyongera. Hari… Haracyari andi make y'inyongera.

77 Karamara igihe kingana iki, ako gakiza, igihe kingana iki? Ni agakiza bwoko ki? Uva mu idini ujya mu rindi? Uva… Dufate Abaheburayo 9:11 umunota umwe, turareba - turareba igihe kamara, ako gakiza, tukareba ubwoko bw'ako gakiza ubwo ari bwo. Dusome noneho Abaheburayo 9:11.

Ariko Kristo amakuza, ahinduka umutambyi mukuru w'ibyiza bizaza, anyura mu ihema rirusha rya rindi gukomera no gutungana rwose ritaremwe n'intoki. Ibyo ni ukuvuga ngo ritari iryo mu byaremwe ibi. Kandi ntiyinjijwe Ahera cyane n'amaraso y'ihene cyangwa ay'ibimasa, Ahubwo yahinjijwe rimwe n'amaraso ye bwite amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka.

78 Ijambo "Iteka", rishatse kuvuga iki? Muri Kristo, nyuma y'aho nizereye… Nta wakwita Yesu "Kristo", atabitewe na Mwuka Wera. Ni yo mpamvu, hari ibyiciro bitatu by'abantu: abatizera, ingirwabizera n'abizera. Ahubwo abizeye kugeza ubwo bakira Ubugingo Buhoraho, binjiye mu rugo.

Mufate ihema rya kera, icya mbere bakoraga ni iki? Binjiraga mu bikari; abanyamahanga. Hanyuma, hari igicaniro cy'umuringa, aho bogerezaga igitambo, ku gikarabiro cya zahabu. Hanyuma bagasogota igitambo, bakaminjagira amaraso ku gicaniro. Hanyuma, incuro imwe, buri mwaka, Aroni, usizwe (iki?) umubavu wa Roza rya Sharoni, amavuta ahenze agizwe n'imibavu; bayasukaga ku mutwe maze agatemba agana ku misozo y'ikanzu ye. Mwitegereze neza, incuro imwe buri mwaka, uriya mugabo yagombaga kujya imbere y'inyegamo, yitwaje imbere ye amaraso y'impongano. Umwaka umwe, yinjiranye inkoni ye, maze ayibagirirwayo. Ubwo bagarukaga kuyishaka yari yamaze kurabya. Inkoni ishaje yabanye mu butayu mu myaka mirongo ine, yagumye hariya, Ahera! Mwitegereze neza, iyo bazanaga amaraso

y'isezerano, amaraso, byasabaga gusigwa. Kandi yambaraga imyenda ifite utuyogera, igerenade n'akayogera. Kandi uwo muntu yagombaga kugenda mu buryo, uko yagendaga, ngo atere intambwe, twa tuyogera twavuzaga umuziki: "Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka. Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka." Yoo, la la!

79 Ibyo ndiho mvuga ni ibiki? Mwumve Ibi, teraniro rya Branham Tabernacle! Mwagize amahirwe yanyu. Iyo umuntu yasizwe na Mwuka Wera, - kugira ngo abe umwe mu bagize umuryango w'Imana, ngo ashyirwe mu mwanya we na Data kandi ashyirwe mu murimo We hano, afite intego yo kugeraho muri ubu buzima, cyangwa icyo Imana yamuhamagariye, - ingendo ye igomba kuba: "Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka. Uwera, Uwera, Uwera!"

"Yoo, ugomba guhindukira, muri uru ruhande, kandi…

- Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka.

- Yoo, ugomba kwizera icyo umukuru yavuze, iki."

Ahubwo: "Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka." Ijambo Rye rigire umwanya wa mbere, rikubere byose, rihishwe, ritsimbaraye mu mutima wawe! Ingendo yawe igomba kubera mu Ijambo. "Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka."

"Yoo, iyo uba wari wemeye kuza hano gusa! Ngiye kukubwira icyo tugiye gukora, tugiye gushinga idini, maze tugushyire mu nzego zacu, uzaba umuntu ukomeye.

- Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka. Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka", ukomeza kujya mbere. Ibyo abantu bashobora kuvuga, nta cyo byahindura!

"Vanaho izo bande! Kora ibi, kora ibi, kora ibyo, kora ibyo, ibindi.

- Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka." Utumbiriye amaso i Kaluvari, kandi nta kizaguca intege! Uburyo ugenda, ubuzima bwawe, ugendera mu Nzira y'Umwami, usizwe Amavuta yo gusiwa ahenze, winjira Ahera cyane. Fiyu! Amina. Ni byiza.

80 Pawulo avuga ko atahawe Ibi n'umuntu. Nyamara ni iki avuga, tugarutse ku Bagalatiya, ku cyigisho cyacu: "Itumenyesheje ubwiru bw'ubushake Bwayo." Ubushake Bwayo, ni iki? "Itumenyesheje ubwiru bw'ubushake Bwayo." Kuri mwebwe mwandika, ni umurongo wa 9. Buriya, ngiye by'ukuri kwihuta mu kubivuga, kuko igihe cyarenze.

Yoo, buri Jambo ri-… cyane. Yoo, buri Jambo riruta zahabu. Ushobora gusa kurifata hanyuma ugakomeza gutya kurinogereza. Ushobora gucukura, nshobora… Ushobora gufata Ijambo rimwe gusa uvanye hariya, ukarihuza n'Itangiriro maze ukarinogereza, ukarihuza no Kuva maze ukongera kurinogereza, ushobora kurihuza n'Abalewi maze ukongera kurinogereza, kandi iyo ugeze ku Byahishuwe, Ibyo byose, ni Yesu! Amina. Ushobora kurinogereza uko ushatse kose, azaba ari Yesu ni ugera - ni ugera ku Byahishuwe. Mu by'ukuri, Yavuze ati: "Ndi Uwahozeho, Uriho kandi Ugiye kuza. Ni Njye Gishyitsi n'Umwuzukuruza wa Dawidi, Inyenyeri yaka yo mu Rutututuru. Ndi Alufa na Omega (Uwa mbere n'Uw'imperuka)." Ni ukuvuga A na Z. Ni ukuvuga ko A na Z mu nyuguti za kigiriki. "Ndi uguhera kuri A ukageza kuri Z. NDIHO! Ndi byose muri byose." Ni ukuri. "Ndi Uwahozeho, kandi Waje gupfa, kandi Uriho by'iteka ryose. Mfite imfunguzo za rupfu n'iza kuzimu." Yoo, la la! Buri mutungo uruta zahabu uyora hano, kandi ugatangira kuwunogereza, mu kuwunogereza, uzawusangamo Yesu.

81 Sawa, tugiye kandi gufata indi minota mike, maze nyuma turi busoze. Yego. Rero, ni iki dutegereje? Ni iki cyakuzanye hano mu materaniro? Ni iyihe ntego ukurikiye? Isi iranihishwa n'iki? Kubera iki igisasu cya kirimbuzi (cya atomiki) kimanitse hariya? Kuki hariho za molekire na za atome (uduce duto cyane tutabonekera amaso tugize ibyo Imana yaremye.)? kandi, yoo, ni ibiki?

Dufate Abaroma, igice cya 8, akanya gato. Ibyo byose bitegereje iki? Ibyo byose bitegereje iki? Ni gihe ki? Abaroma, igice cya 8, maze duhere mu gusoma ku murongo wa 19, byonyine tuwusome, hano, kugira ngo bitugwe neza cyane. Ni ibyo, nzi icyo mushaka kugeraho, buriya. Abaroma, igice cya 8, maze duhere hano ku murongo wa 18. Duhere rero ku urongo wa 14.

Kuko abayoborwa na Mwuka w'Imana bonyine ari bo bana b'Imana. Ni ukuri.

Kandi ntumwahawe umwuka w'ubwoba ubasubiza mu bubata; …

82 "Yoo, ndibaza niba nzashobora guhagarara neza. Yooo, iyo mba nari nshoboye guhagarara neza byonyine, buriya!" Guhagarara neza, habe na busa! Ikibazo si icyo kumenya niba narahagaze neza, Ahubwo niba We yarahagaze neza. Ndi muri We ubu, murabona.

Mu by'ukuri, uvuga uti: "Mu by'ukuri, niba ndi muri We!" Noneho, mwebwe - mwebwe abaperesibiteriyani, muvuga muti: "Ahaa, Ibyo, nta gihe tutabyizeye." Ahubwo ubuzima bwawe

bwerekana ko atari ko uri, niba utabayeho ubuzima We yabayeho, niba utizera bwa Butumwa Bwiza bumwe We yabwirije.

Uvuga uti: "Ahaa," ababatisite bavuga bati: "nta gushidikanya ko nizera umutekano w'iteka." Kandi urasohoka, maze ukanywa ikigoma (itabi), hanyuma ukajya kubyina, kandi abagore biyogoshesha imisatsi, bakisiga amarange, kandi bakitwara uko ntazi? Imbuto zawe zihamya ko utabyizera.

Iyo mvuze nti: "Waba wizera ko Imana ikiza indwara?

- Yoo, dogiteri Jones yavuze ko byari bimeze bitya, ko byari iby'igihe cyatambutse."

Ahaa, wa ndyarya we! Ufite iki? Mwana warindagiye. Wahabiye kure y'Ubutumwa Bwiza ku buryo buteye ubwoba. Bakujyanye mu muhanda w'ibyondo, ku kimpoteri kigurumana. Ntiwaba ubona icyo Yavuze, hano? Ko umwuka wose uvuga ko Yesu ataje mu mubiri muri iki gihe, ari umwuka mubi. Bibiliya ivuga ko Yesu Kristo uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi ko ari ko Azahora Iteka ryose. Icyo Yavuze kiriya gihe, ni cyo Akiri none, kandi ni ko Azahora by'Iteka ryose. Mwumve neza.

83 Kandi ntimwahawe umwuka w'ubwoba ubasubiza mu bubata; Ahubwo mwahawe umwuka ubagira… [Iteraniro riti: "Kugirwa Abana" ]

Nyuma y'aho mugiriwe abana, buriya, sawa, nyuma y'aho mugiriwe abana, mumaze gushyirwa mu myamya, ni bwo musobanukirwa, nyuma y'umuhango, mumaze gushyirwa neza mu Mubiri. Uri umwana, nta gushidikanya, umukobwa, iyo uvutse ubwa kabiri, uri we, ibyo, ni ukuvuka kwawe. None ubu mwashyizwe mu myanya yanyu.

Ntitwahawe umwuka w'ububata; Ahubwo twahawe umwuka, twahawe umwuka utugira abana, udutakisha ngo Abba! Data! Bishaka kuvuga ngo "Mana yanjye". Sawa.

Mwuka ubwe ahamanya n'umwuka wacu ko turi - turi abana b'Imana.

Abigenza ate? Uvuga uti: "Imana ishimwe! Haleluya! Nta bwo bintesha umutwe, ndi umwana w'Imana", hanyuma ugasohoka kwikorera ibyo ukora? Mwuka w'Imana azakora imirimo y'Imana.

Yesu yavuze ati: "Unyizera azakora imirimo Nkora." Murabona? Murabona?

84 Niba uwo muzabibu, mu kumera, wareze iseri ry'inzabibu, hanyuma uw'iruhande, wo, ukera indimu, hari ikitagenda. Murabona? Ni itorero ryabanguriweho, ni umuntu wateweho. Niba umuntu abarizwa mu idini yarangiza akiyita umukristo, Ahubwo akaba ari nta Mwuka Wera afite, kandi akaba ari nta Mbaraga z'imana afite n'ibyo bintu byose…

85 Noneho, niba usohotse, hariya, ukitwara nka ririya tsinda ry'abantu bari basinze, ku mpamvu yo kuba wavuze mu ndimi yonyine. Nabonye amadayimoni avuga mu ndimi. Yego mugabo. Nayabonye abyina mu mwuka, anarangurura, kandi akazana amafuro ku munwa, n'ibindi. Narabibonye. Ni Njye… si ibyo mvuga. Ndavuga Mwuka w'Imana.

Mwuka ubwe ahamanya n'umwuka wacu ko turi abana b'Imana.

Nyamara, niba kandi turi abana b'Imana, turi… abaragwa: abaragwa b'Imana, abaraganwa na Kristo, niba tubabaranwa na we, kugira ngo tuzahanwe Ubwiza na we.

Mbara ko imibabaro…

Mwumve neza ibi. Yoo, ni byiza by'ukuri, ibyo!

Mbara ko imibabaro y'iki gihe idashobora kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa. Muri twe!

Ibyaremwe byose na byo bitegerezanyije amatsiko…

Hari ukohereza, hano, hari aka - akajambo, buriya, akajambo mu mwihariko, ni "ibyaremwe" ari ko kajambo keza, dushingiye ku kigiriki.

…ibyaremwe bitegerezanyije, ibyaremwe bitegereje guhishurwa kw'abana b'Imana.

86 Ni iki Byose bitegereje? Ni iki ibyaremwe byose bitegereje? Uguhishurwa kw'abana b'Imana. Bitegereje ko Itorero rijya mu mwanya waryo. Ni nde wari umwana w'Imana, ubwo Adamu… ingoma ye yari he? Isi. Yari - yari afite ingoma ye ku isi. Si byo? Ntiyari Elah, Elah, Elohim, kiriya gihe, Yari Yehova. Murabona? Ni ukuvuga: "Ndi Imana kandi Naremye abanciye bugufi bangaragiye. Kandi Nabahaye ubutware. Kandi ingoma yabo, ni ku isi." Umuntu yari afite ubutware ku isi. Kandi ibyaremwe byose bitegereje ko abana b'Imana bahishurwa.

Tugereje ukuza kw'Ingoma y'Imyaka Igihumbi,

Umunsi wahawe umugisha

Ubwo Umwami wacu azaza gushaka

Umugeni We umutegereje;

Yoo, isi irataka, iraniha itegereje uwo munsi wo gucungurirwaho

Ubwo Umwami wacu azagaruka ku isi.

87 Si byo? Mu gutegereza. Imana, igerageza gushyira Itorero Ryayo mu mwanya waryo, kugira ngo Ibashe kwigaragaza; Yigarurira umwe ishobora gukoreramo, itya, ikavuga iti: "Hari Mwuka wanjye uzenguruka mu mudendezo hariya. Nguriya. Dore, dore, nsho-nshobora gukora." Umva, fata undi hano, kandi ushyire mu mwanya uriya, "uriya nshobora kumushyira mu mwanya". Kugirwa umwana, gushyirwa mu mwanya, guhishurwa, kumuzana hano no kumukorera umunsi mukuru, kugendererwa na Malayika, kugira icyo abwirwa. Ariko niba yaravuze ukuri! Ariko niba gusa ariho agira icyo ahimba, nta ho bizamugeza. Oya, oya, nta - nta ho bizamugeza; bene ibyo, twabonye byinshi. Ahubwo ndavuga - ndavuga uguhishurwa kw'abana b'Imana, iyo Imana yigaragaje hanyuma Ikamutuma. Kandi icyo gihe, arakataza, kandi ibyo avuga ni Ukuri. Ibyo akora ni Ukuri. Ibyo akora, agaragaza Kristo. Umumenyeshwa n'iki? N'uburyo afuhira Ijambo, akarikomeraho. Murabona, ni icyo muzamenyeraho buri muntu, ku buryo afuhira Ijambo. "Nibatavuga ibihwanye n'Ijambo, nta Bugingo buba buri muri bo", ni ko Bibiliya ivuga. Murabona?

88 Noneho dusome, hanyuma biri bube ngombwa ko duhagarara, kuko igihe cyihuta. Ni byiza cyane, umurongo wa 10, cyangwa Ahubwo umurongo wa 9.

*Itumenyesheje ubwiru bw'ibyo Ishaka ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ari byo yagambiriye kera kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe.*

*Ni Yo Ubwayo yari yabigambiriye isi itarashyirirwaho urufatiro.*

Ni bangahe babisobanukirwa? Murabona?

Kugira ngo Ibishyire mu bikorwa ubwo…

Yoo, la la! dore kandi ibindi!

89 Bibiliya ivuga iti: "Mu gihe cy'umwuzuro w'ibihe." Umwuzuro w'ibihe, ni iki? Habayeho igihe cya, mu by'ukuri, habayeho igihe cy'amategeko ya Mose. Habayeho igihe cya Yohana Umubatiza. Habayeho igihe cya Kristo. Habayeho igihe cy'amadini. Habayeho igihe cyo gusukwaho Mwuka Wera. Noneho iki ni igihe cyo guhabwa umwanya muri Kristo, icyo isi itegereje, icyo ikeneye. "Kandi ubwo ibihe bizaba bisohoye, mu gihe cy'umwuzuro w'ibihe." Uwo mwuzuro w'ibihe, ni iki? Ni igihe abapfuye bazuka, igihe indwara ikize, igihe i-… igihe isi izaba yashubijwe. "Umwuzuro w'igihe cy'ibihe." Mwitegereze ibi.

…ubwo ibihe bizaba bisohoye, byo guteraniriza ibintu byose muri Kristo, …

Ntimunezerewe? Azabigenza ate? Azateraniriza byose muri Nde? [Iteraniro riti: "Kristo."-U.I.] Ni gute winjira muri Kristo? ["Binyuze mu Mwuka umwe rukumbi."] Mu Mwuka umwe twabatirijwe, kugira ["Umubiri umwe."] Umubiri umwe. None uwo Mubiri ni Umubiri wa Nde? ["Kristo."] Wamaze gucirwa urubanza. ["Amina."] Yagiweho n'urubanza rwacu. Rero, turi iki? "Ubwo nzabona "Amaraso, nta cyo Nzabatwara." Kandi uko Ayarebye, wa Mubiri uba uri aho, Wicaye, uva Amaraso. Na ho njye, ndi muri uwo Mubiri, mu buhe buryo? Binyuze mu Mwuka Wera. Nta cyo Antwara. Yoo, la la!

…kugira ngo ibihe nibisohora, ibone uko iteraniriza ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi.

90 Noneho, niba ushaka kuvuga izina, ngaho duhite turivuga, tugiye kurivugaho igihe gito. Umuryango wose mu Ijuru witwa ngo iki? [Iteraniro riti: "Yesu Kristo".-U.I.] Umuryango wose mu isi witwa ngo iki? ["Yesu Kristo."]

Hari abagore beza cyane hano, by'ukuri beza, b'agaciro gakomeye, abagore biyubashye. Hari umwe gusa Muka Branham, Muka William Branham, ni umugore wanjye. Ni we dutahana iwanjye. Murabona, abasigaye mwese, mutahana n'abagabo banyu.

Hariho Itorero rizima ry'Imana nzima ry'ubwiza rimwe, Ryitwa Izina Ryayo, Ryuzuye Mwuka Wayo. Ni byo. Nta bwo mvuze…

91 Sincira iteka ku mirimo myiza, sincira iteka ku bitaro byabo habe no ku bintu byiza bakora. Mbona ari igitangaza, ko ari imigisha Imana iha iyi nyokomuntu iri mu mibabaro. Sincira iteka kuri ibyo bintu bindi byose bakora. Ni byiza, rwose birakwiye. Kandi amadini akomeye yabo, na za miliyoni z'amadolari, nta gushidikanya, ni byo nahitamo kubona aho kubona utubari mu masangano y'imihanda. Nta gushidikanya

ko nubaha bariya bantu, nk'ababwirizabutumwa babarizwa inyuma y'igicaniro.

Ahubwo ku byerekeye guteraniriza ibintu byose hamwe, ku musozo w'ibihe, ku bw'ibyo, bizaba ngombwa gutegereza uguhishurwa kw'abana b'Imana, muri iki gih-… ubwo Izateraniriza, abazaba bazanywe bose muri Kristo. Kristo ni iki? Ni bangahe… Ni gute twinjira muri We? 1Abakorinto 12: "Mu Mwuka umwe, twabatirijwe, kugira Umubiri umwe, ari wo Mubiri wa Kristo, kandi dufite uruhare ku mpano zose no ku bintu byiza Afite byose." Si byo? "Kandi isi yose ikeneye, iraniha, itegereje amahishurwa, ubwo Kristo n'Itorero Rye bazaba Umwe."

Ubwo ibihe bizaba bisohoye, guteraniriza hamwe… byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru n'ibiri mu isi.

Muri we twa… twahindutse abaragwa…

92 Yoo, Mwene Data Neville, mbabarira gutwara igihe kingana gitya. Nda-… Iri jambo "umurage". Yoo, yoo, yoo! Yoo, nta kabuza! Yoo, yoo, yoo, yoo! Ni mwene wacu wa bugufi, Mwene Data. Niringiye ko ntasaze. Si ko mbitekereza. Ahubwo, yoo, lmbega! Iki? "Umurage." Twahawe Umurage. Hari ugomba kugira icyo akuraga. Imana, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, hari icyo Yakuraze. Izina ryanditswe mu Gitabo, kugira ngo, ubwo Umwana w'intama uzaba watambwe, uzase na Wo. Yoo! Dukomeze ibi kugeza nimugoroba. Dukomeze kongera gusoma buhoro buhoro. Yoo, la la! la la! Ni gute turi bugere ku murongo wa 3 kuri uyu mugoroba, cyangwa ku gice cya 3? Nta n'ubwo twabonye imirongo ine cyangwa itanu y'ibi. Sawa, ariko uko biri kose turi busoze, buriya, biri bube ngombwa ko ngarukira ku gusoma, byonyine.

93 Muri we twanahindutse abaragwa, tumaze…

Iki? Tuwakira dute, uwo Murage? Twawakiriye dute? Kuko twakiranutse? Ni gute twakiriye uwo Murage? Kuko twari twaratoranijwe. Amina. Fiyu! Bene data b'aruminiyani, nzi by'ukuri ko biruhije kubyumva. Intego yanjye si iyo kubakomeretsa, Ahubwo bingusha neza cyane kumenya ko… Urawufite, urawufite mwene Data, yego, urawufite. Ahubwo nta byo ubona, nta kindi. Uko biri kose urawufite. Murabona? Ahubwo, yoo, ni byiza cyane kurebamo. Yego. Ni nk'ibyo Mwene Data Neville yigeze kuvuga, ku birebana n'umunsi mukuru w'inzaduka (fete foraine): "Ishakire amadarage maze uzenguruke kugira ngo ubone icyo ufite." Yego mugabo. Ibi bisa bityo. Mwuka Wera w'Imana ni We madarage yacu, Atubwira ibyo dufite. Murabona?

94 Murabona, Umurage. Yoo, mbega! "Twaramaze…" Mbega uburyo bw'Umurage?

…ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza y'ubushake bwayo,

Mbere y'uko Iba Data, mbere y'uko Iba Imana, mbere y'uko Iba Umucunguzi, mbere y'uko Iba Umukiza, mbere y'ibi byose, Yaratoranije, Yashyize Izina ry'Umwana w'intama mu Gitabo, Yararanganije amaso mu bihe uko byagiye biha ibindi, ku bwo kumenya ibintu bitari byaba Kwayo, kandi Yabonye izina ryawe maze Irishyira mu Gitabo. Ni ibiki? Rero, nyuma y'igihe runaka, twaje mu isitubyarwa n'ababyeyi b'abanyabyaha; dutembera kuri iyi si, murabizi. Muri ako kanya, - nk'ibyabaye kuri uriya Muyuda mugufi w'izuru ryigondoye, Pawulo, murabizi, wi-wikiranuraga n'inshingano ye, - muri ako kanya, hari Ikintu kivuga kiti: "He! he! he! he! he!"

Uvuga uti: "Yoo, Abba, Data!"

None dore ngo turaza, murabona. Yadutoranirije kwakirira muri we Umurage wacu, twari twaratonirijwe. Murabona, twarazwe ibyo mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro. Murabona? Yoo! Ku cyemezo Cwayo, kugira ngo Isohoze ubushake Bwayo, neza neza, bwo kuba Imana n'umucunguzi.

95 Muri we na mwe, aho mwumviye ijambo ry'ukuri, …

None ni Nde Kuri? Yesu ni We Kuri, Ukuri k'Ubutumwa Bwiza. Ubutumwa Bwiza ki? Hariho Ubutumwa Bwiza bumwe rukumbi. Mu Bagalatiya 1, handitswe ngo: "Malayika ni abwiriza ubutumwa buhabanye n'Ubu, avumwe!" Ubu ni Ubutumwa Bwiza, Ubutumwa bw'agakiza kawe; nta bundi, nta bundi buteze kuzabaho! "Nta rindi zina munsi y'Ijuru twahawe gukirizwamo uretse Irya nde? [Iteraniro riti: "Iry'Umwami Yesu Kristo."-U.I.]" Yoo, la la!

…muri we mwarizeye maze mushyirwaho ikimenyetso…

Yoo! "Mumaze kwizera!" Ni gute twanezezwa no kubona ibi twihuse, mwene Data? Dukomeze ibi rero kugeza nimugoroba, urabivugaho iki? Yoo, mbega! sinashobora gusa kujya kure. Tubikomeze kugeza nimugoroba. Simbasha gusa kwikuramo iri jambo "gushyirwaho Ikimenyetso", uburyo tuhinjira, murabona.

96 Umurage binyuze mu gutoranywa. Hari icyo narazwe. Ni Murage ki? Ngomba kugira unsigira Umurage. Mu by'ukuri, uvuga uti: "Yesu yagusigiye Umurage." Mbabarira! Yesu ntiyigeze ansigira Umurage, Yesu ntiyigeze agusigira Umurage; Yaramanutse gusa yishyura ikiguzi cy'Umurage wawe, Yanyujijwemo Umurage wawe. Ahubwo izina ryawe ryari ryarashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama isi

itarashyiririrwaho urufatiro. Imana ni Yo yaguhaye Umurage wawe. Umurage wawe wari usanzwe uri aho. Yesu yaje gusa… Abenshi, dore uko bashakisha uburyo bwo kubisobanura: "Imana ivuga iti: 'My'ukuri, hari abantu benshi bazimiye. Nta numwe uzakizwa, rero, Ngiye kumanura Yesu, kandi wenda We, … hari uwazicuza, akamenya icyo Nakoze maze agakizwa.'" Yoo, impuhwe! Nta n'ubwo nayobora ibiro byanjye ntyo, kandi hari ibihe mbiyobora nabi, nyamara. Murabona? Si-sinakora ntyo. Imana Yo, rero?

97 Imana, mu kumenya ibintu mbere Kwayo, yabonye neza uwajyaga gukizwa n'utajyaga gukizwa. Yohereje Yesu gucungura abo Yari yaramaze gutora. Pawulo ntiyavuze, mu mirongo itanu ibanza, ko "Yari yaradutoreye muri Yo mbere y'uko isi ishyiririrwaho urufatiro"? Uwo ni wo Murage wacu. Imana yaradutoye, maze Yohereza Yesu kwishyura ikiguzi. Kubera iki? Yamennye Amaraso Ye, kugira ngo he kugira icyaha na gito kitubarwaho. Nta na gito mu byo ukora. Ariko ni u-…

"Ku birebana n'ukora icyaha nkana amaze kmenya Ukuri, nta gitambo kiba kigisigaye."

Sawa, kandi buriya, uzanzanira ikibazo: "Kandi ibyo, rero, Mwene Data Branham?"

Ahubwo mwibuke, murabona: "Bamenye Ukuri." Ntibigeze bakira Ukuri, barakumenye gusa. Murabona? Ntibishoboka ko abigeze kumurikirwa n'Umucyo bakanagira uruhare kuri Mwuka Wera, bagasogongera Imbaraga z'Ijambo ryiza. Ni nka bariya bizera bo ku mupaka, hariya. Abantu benshi babinyandikiyeho.

98 Abo bizera bo ku mupaka, baragiye ntibarenga hariya. Yoshuwa na Kalebu bagiye hariya. Kubera iki? Noneho, tugiye kwita ibyo Mwuka Wera, kiriya gihugu. Bo, bari hano. Hehe, hano imbere, tuvuge ko ibi, ari Mwuka Wera, kandi bo bari hariya, murabona. Ni ho isezerano riri, riri hariya. "'Mu by'ukuri, niba barohereje abatasi cumi, umwe muri buri muryango, bityo twe, imiryango, twajyaga twese kumenya icyo Umurage wacu ari cyo, imyanya bose bajyaga kujyamo hariya, imyanya tuzajyamo.' Rero ngiye kohereza abatasi."

Bose bageze hariya: "Yoo, la la! Oya. Badufata nk'abishyira hejuru, nyuma y'ibyo. Oya, oya-oya, ntitwashobora gukora ibyo." Murabona?

Yoshuwa na Kalebu babwirana bati: "Ngiye kureba ibyo ari byo." Rero baturutse muri uru ruhande, maze bareba ibyaberaga muri bariya bantu. Yoo, barambuye amaboko, maze baca iseri ry'inzabibu rinini ry'aho hanyuma bararigarukana. Bavuga bati: "Yoo, la la! Ni byiza, ni byiza cyane! Ngibi, nimurye, ziraryoshye by'ukuri!

- Yoo, ni byiza, ariko, yoo, murebe rero bariya bakomeye… Yoo, ntituzashobora kugerayo. Guhangara ariya madini akomeye yose, biriya bintu bikomeye byose? Yoo, birababaje rwose, nta washobora kugerayo. Oya mugabo!‟ Maze batangira kuvuga bati: ″Yoo, dusubire ku nkono z'inyama zo mu Egiputa. Twajyaga kuba tugize neza iyo tuba twarigumiyeyo. Ntituzashobora kugerayo, iyi nzira ikabije kuba imfungane. Tuzi ko tutashobora gukora ibi, ko tutashobora gukora biriya.‟

99 Intwari Kalebu yavuze iti: "Nimutuze, mwese!" Yoshuwa avuga ati: "Nimuceceke, mwese! Mureke abe ari njye uvuga.

- Yoo, yemwe, yemwe, yemwe, ntitwashobora kugerayo! Yoo, ntitwabishobora. Ariko, niba bibaye ngombwa ko ndeka imikino yanjye y'urusimbi, Mwene Data Branham! Niba bibaye ngombwa ko imisatsi yanjye ikura cyane nk'umukecucu, sinzi by'ukuri icyo nakora. Niba bibaye ngombwa ko nkuramo udukabutura twanjye, sina-sina-sina-…, yoo, ibyo, sinabishobora by'ukuri, murabizi. Kandi, bibaye ngombwa ko mpagarika kunywa itabi ry'ikigoma, bibaye ngombwa ko nkora ibyo!‟ uri urugero rubi rwo kubohoka! Yego. ″Mu by'ukuri sinabishobora.‟

Yoshuwa avuga ati: "Yoo, ni heza hariya. Haleluya! Dushobora kuhigarurira." Byashoboka bite? Bariya, barebaga imijyi ikomeye yari izengurutswe n'inkike z'imitamenwa. Mu gihe Yoshuwa na Kalebu barebaga isezerano bari barahawe n'Imana. Omatana n'Ijambo, uwo waba we wese. Umatana n'Ijambo!

100 Kuko, Petero yavuze ati: "Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, ngo abone kubabarirwa ibyaha bye; kandi na mwe muzahabwe iyi mpano ya Mwuka Wera; kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu," (Ni ikihe Gihugu cyasezeranywe?) "n'abari kure bose, uko Umwami Imana yacu izabahamagara."

Mwe kwibabaza, buriya, ndabinginze, kandi nshojereje kuri ibi. Murabona? Mwebwe, Abagenzi Bo Kwezwa n'Abanazareti, mwaraje mugera ku kwezwa, mwateye agatambwe mugera hano, gusa, mugera aho mwarebaga inzabibu, hanyuma murakata, mwisubirirayo. Mwaba mubona ibyabaye? Icyo ni cyo kibazo, ntimwigeze mugera mu Gihugu. Nimunyereke umunazareti umwe gusa, cyangwa umugenzi wo kwezwa umwe gusa, cyangwa umwe gusa mu bo bafite ku murimo ubungubu, ufite ibiterane byo ggukiza indwara bikomeye biherekejwe n'ibimenyetso n'ibitangaza bisohora. Mubanyerekemo umwe gusa. Mwahindutse bamwe n'abanyegiputa, mwasubiye ku nkono za tungurusumu. Mwahagaze i Kadeshi h'i Baruneya. Ni ukuri.

101 Murebe neza, kandi ngiye kubereka uko muhagaze; mu Baheburayo, igice cya 6. "Kuko bidashoboka ko abamaze kumurikirwa", mwari muzi icyo gutsimbararaho. Niba mutari mukizi, noneho murakimenye. Murabona? "Abagize uruhare kandi bagasogongera impano z'Ijuru."

Gusogongera, murabona. Abantu bajya mu rusengero, bicaye hariya, maze bakavuga bati: "Murabizi, wasanga bari - bari mu kuri. Wasanga ari - ari - ari ukuri. Byashoboka, uko biri kose, ariko ngiye kubabwira, yoo, hagomba kubaho ukwizera kwinshi kugira ngo ube wakora ibyo."

"Gusogongera impano z'Ijuru; maze ugatesha agaciro Amaraso y'isezerano, Amaraso yakwejeje!"

Urugero, umubwirizabutumwa, nyina akamutuma ahantu hamwe. Avuga ati: "Ndumva mfite umuhamagaro wo guhinduka umugaragu w'Uwiteka.

Ni byiza cyane. Icya mbere cyo gukora, ngiye gutangira kumesa, mukundwa, hanyuma nzakohereza kwiga." Ikintu gihebuje ububi ibyo yigeze gukora byose. Bazamukuramo icyo Imana igerageza kumushyiramo cyose.

102 Hanyuma, noneho murebe neza.

"Kuko niducumura nkana, tugakora ibyaha nkana nyuma yo kumenya Ukuri, ubumenyi. Kuba twaramubonye mu Byanditswe, kandi tukamenya ko Bibiliya ivuga ko uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi ko ari ko Azahora iteka ryose. Kubona Ibyo, ni ukumenya Ukuri. Kumubona, warangiza ukamutera umugongo hanyuma ugatesha agaciro Amaraso y'isezerano…"

Umuntu uvuga ati: "Yoo yego, nizera Imana." Ni byiza cyane, uteye intambwe ya mbere.

"Nta gushidikanya, nizera ukwezwa." Ni byiza, uri ku mupaka, waje ugera hano, uri hafi yo guhabwa Mwuka Wera. Ahubwo urarenba, maze ukavuga uti: "Ibyo, nda-nda-ndabishidikanya mu by'ukuri. Niba ari ngombwa ko nitwara nka… Oya. Ndabishidikanya mu by'ukuri. Uzi uko bita bariya bantu? Ahaa, sinzi niba nashobora gukora ibyo cyangwa ntabishora. Oya, nizera gusa ko nzinjira mu…?" Murabona? Murabona?

None uzi ikiba? Yavuze ati: "Ntibishoboka ko bariya bahinjira igihe kimwe." Ku bw'icyaha cyabo, igihe cy'ubuntu cyabo cyabaciyeho. Ni Bibiliya ibivuga. Nzi ko bikakaye kubyumva, ariko Bibiliya ivuga iti: "Basogongeye impano z'Ijuru, hanyuma bagatesha agaciro Amaraso y'isezerano, Amaraso yabejeje.

103 Bavuga bati: "Nizera ukwezwa, ubuzima bwiza bukeye, bwera."

Nta gushidikanya, ariko mwe… iyo mumaze kubona umubatizo wa Mwuka Wera, umubatizo n'ibyo bintu bindi biri muri bibiliya byose, hanyuma mugakora iki? Mugatesha agaciro Amaraso y'isezerano, Aamaraso yabejeje. Turebe, ariko ni iki cyari cyakuzamuye kikakugeza hariya, ncuti? Ni iki…?… Ni iki cyakurinze, kikakubuza kuba umunyabyaha ruharwa? Ni iki cyakuye icyaha mu buzima bwawe, itabi, inzoga, abagore, kigakura mu buzima bwawe ibintu bitagombaga kuhaba? Ni iki cyakoze ibyo? Amaraso y'isezerano! Hanyuma, mwaje hafi ngo musogongere inzabibu z'ikindi Gihugu, mwarangiza mukagirira Ubutumwa Bwiza isoni, mutinya idini ryanyu! Imana ibagirire impuhwe! Yego mugabo. "Gutesha agaciro Amaraso y'isezerano, kandi bagatuka imirimo y'ubuntu. Ntibiba bigishoboka ko uwo muntu igihe kimwe yinjira mu Gihugu."

104 Ni iki cyabaye? Ni ikibazo mbabajije. Nyamara, njye, ndi umuntu ukoresha ingero, kandi umuntu wese uzi bibiliya akoresha ingero. Mbese hari umuntu n'umwe wo muri bariya wageze mu Gihugu cy'isezerano? Nta n'umwe. Nin nde wabikoze, ni nde wagezeyo? Abagiyeyo ari aba mbere kandi bakavuga bati: "Dushobora kuhigarurira, dushobora kwakira Mwuka Wera, kuko ari Imana yabivuze! Petero yavuze, ku munsi wa Pantekote ati: 'Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, ngo abone kubabarirwa ibyaha bye, na mwe muzahabwe iyi mpano ya Mwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.'" Isezerano ni iryanjye. Niteguye kubikora. Ni iryanjye, isezerano ni iryanjye. Murabyumva? "Noneho isezerano ni iryanjye. Ndaryakiriye, ni iryanjye. Nta kabuza." Ni bo bonyine.

"Yoo," ni ko uvuga, "Ahubwo igihe cy'izuka!" Nta bazabayo. "Ahaa oya?" Oya mugabo. Yesu yavuze…

105 Bavugaga bati: "None Uvuga ko ungana na Mose, kandi Wavuze ko Wahozeho, ko Wari 'warabonye Aburahamu'." Kandi yavugaga ati: "Igihe Aburahamu yari yarapfuye! Turebe, nta n'u-n'ubwo Uragira imyaka mirongo itanu, none Uravuga ko wabonye Aburahamu?"

Avuga ati: "Aburahamu atarabaho, NDIHO." Yoo, la la! wa "NDIHO", Imana Ihoraho, Ibera hose icyarimwe. Atari ejo hashize, atari ejo hazaza, "NDIHO". Murabona? Ya Mana ibera hose icyarimwe, Elohimu, "NDIHO". Rero bafata… Bashaka kumwica, icyo gihe.

Yavugaga ati: "Mu by'ukuri, ba data baririye manu mu butayu mu gihe cy'imyaka mirongo ine. Imana imanura umutsima uvuye mu Ijuru maze Irabagaburira. Bajyaga mu rusengero kandi bari abagize itorero beza mu myaka mirongo ine. Mama w'umukecuru yapfiriye muri uru rusengero", n'ibindi. "Ba data baririye

manu butayu mu myaka mirongo ine."

Kandi Yesu yavuze ati: "Bose barapfuye." Barapfuye, risobanura ko "batandunye n'Imana by'Iteka". "Bose barapfuye. Ariko Njye, Mbabwiye ko ari njye Mutsima w'Ubugingo wavuye mu Ijuru, kuri Data. Ni hagira umuntu urya uwo Mutsima, Mwuka, araba afite Ubugingo Buhoraho, kandi ntashobora kurimbuka. Kandi Nzamuzura ku munsi w'imperuka. Yoo, mwene Data, ntibitangaje?

Ntibitangaje, ntibitangaje, ntibitangaje?

Yesu, Umukiza wacu, aratangaje.

Narabibonye, narabyumvise, muri Bibiliya

narabisomye,

Yesu, Umukiza wacu, aratangaje.

106 Si byo? Turabone Mwuka We ugenzura agendagenda hagati muri twe. Turabona akora ibimenyetso n'ibitangaza. Turamwumva, biranditswe, bikuwe mu Ijambo, hano, none mubonye ihamya Ryabyo ritaziguye. Yoo, la la!

Narabibonye, narabyumvise, muri BiBiliya

narabisomye,

Yesu, Umukiza wanjye, ni igitangaza.

107 Hasigaye indi minota ibiri cyangwa itatu, hanyuma habeho umurimo w'umubatizo w'amazi hano. None ubu, iby'abagiye kubatizwa, abagore bajye muri uru ruhande, na ho abagabo baze hano, muri uru ruhande. Rero, abagabo, ibumoso bwanjye, hano, muri uru ruhande. Na ho abagore, muri uru ruhande. Hari bashiki bacu bategereje hariya n'imyambaro yabugenewe. Rero niba hari umugabo cyangwa umugore muri iki gitondo, kandi uhamirijwe, wizera Ijambo ry'Imana kandi wizera ko Imana ikomeje isezerano Ryayo, rivuga ko niba umuntu yihannye rwose icyaha cye cyose! Icyo gihe, Amaraso nta cyo aba yari yakora. Oya, ni ukwizera Imana kwawe gusa. Imana irahamagara, [Branham ahuha mu ndangururamajwi: "Wuuhh! wuuhh! Wuuhh!"-U.I.] Irahamagara, byonyine. Ni byo biriho muri iki gihe. ["Wuuhh! Wuuhh!"] "Sinigeze mbatizwa." ["Wuuhh! Wuuhh!"] "Ahubwo, Ahubwo, iyo aba byonyine nashoboraga gutangira gukora mu buryo butandukanye." ["Wuuhh!"] Ni, ni ibyo, tangira, kandi nyuma-nyuma uzakora ibitandukanye, nyuma yo guhaguruka. Murabona? Ugomba gusubira inyuma, ugahaguruka, urabona.

Uvuga uti: "Mu by'ukuri, nta-nta-nta bwo nari narigeze mubona neza nk'uku."

108 Mu by'ukuri, mwene Data nkunda, nashakaga ko wanyereka umurongo n'umwe w'Ibyanditswe ahavugwa umuntu, - ni cyo nsaba mu myaka mirongo itatu n'umwe y'umurimo, nzenguruka isi yose, imbere y'abepisikopi n'abandi, - ahavugwa umuntu waba yarabatijwe undi mubatizo utari uwo mu Izina rya Yesu Kristo. Kandi abatari barabatijwe mu Izina rya Yesu bagombaga kuza kongera kwibatirisha mu Izina.

Imana yagize Izina rimwe gusa, kandi Izina Ryayo ni Yesu. Yari Umwana Wayo, Yafashe Izina ry'Umwana Wayo. Imana! Nyamara, Yesu, umubiri, yari umuntu. Ibyo, turabizi. Yari Umwana w'Imana, wari yaratwikiriwe n'igicucu Cyayo. Nyamara, ntitwizera ikintu kimwe kivugwa n'abantu bavuga ko Imana imeze nk'urutoke rwawe. Twizera ko hariho ibyiti-… ibyitiriro bitatu by'Imana, ibyitiriro bitatu by'Imana, ibyo Yigaragarijemo. Ahubwo hariho Imana imwe. Murabona? Ni ukuri. Ntitwizera… Twizera… Ngiye kubivuga ntya: twizera ko Imana yabaye mu mirimo itatu. Habayeho umurimo ku isi, igihe kimwe.

109 Noneho, abagore, mujye muri uru ruhande, na ho abagabo, mujye muri uru ruhande, abagomba kwitegura. Baritegurira umurimo w'umubatizo ubungubu.

110 Rero, Imana yagize imirimo itatu. Umwe muri yo witwaga Ububyeyi, cyangwa igihe cya Data; ikindi kikitwa Ubwana; na ho ikindi kikitwa Mwuka Wera. Nyamara, none, ni - ni mu kihe gihe Data ariho akoreramo, ubungubu? [Iteraniro riti: "Mwuka Wera."-U.I.] Mwuka Wera. Ni iki Aheruka kuba? ["Yesu."] Yesu. Ni iki Yabanje kuba mbere y'ibi? ["Data."] Ahubwo Yari Imana imwe rukumbi. Si byo? Ni We Data, Umwana na Mwuka Wera. Ibyo bitatu, iyo mirimo itatu y'Imana imwe rukumbi. Imana imwe rukumbi!

Sawa, ariko Data nta bwo ari izina, si byo? Nashakaga kubabaza ikibazo kimwe. Buriya, ndashaka kuvuga Matayo 28:19, aho Yesu yavuze ati: "Nimugende, muhindure abatuye isi abigishwa, mubabatiza mu Izina," (I-z-i-n-a), "Izina rya Data…"

111 Noneho ndashaka kumenya ko muzi neza Ibyanditswe. Murambwire nintandukira. Hanyuma ababwira ati: "Nimugende mu isi yose, mubwirize ibyaremwe byose Ubutumwa Bwiza. Uzizera akanabatizwa azakizwa. Utazizera azacirwaho iteka. Ibimenyetso bizagendana n'abizera ngibi: mu Izina Ryanjye, bazirukana amadayimoni," (Kugeza ubu, birahuye?), "bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka." Sawa,

ngiye kuvuga Matayo…

Noneho mutege amatwi. Nsabye umunyamateka uwo ari we wese, - nyamara, ibi biriho birafatwa amajwi, bigiye mu isi hose, nsabye umunyamateka uwo ari we wese kuza kundeba afite imirongo ya Bibiliya, imirongo… imirongo ya bibiliya cyangwa igihamya cy'amateka, interuro yakuwe mu mateka, yatwereka aho umuporoso yaba yarigeze kubatiza mu izina rya "Data, Umwana, Mwuka Wera" mbere y'uko idini gatolika ribiciye nk'iteka mu nama y'i Nikeya. None ubu, bifashwe amajwi, bigiye mu isi hose, za bande zihinduwe mu ndimi mirongo itatu na zirindwi zinyuranye. Ndaniteguye kubambutsa amazi magari ku mafaranga yanjye. Ni ukuri. "Data, Umwana na Mwuka Wera", ni inyigisho ya gatolika ipfuye, ikinyoma, si umubatizo wa gikristo. Ni ukuri! Luteri yabivanye mu idini gatolika, na gatigisimu, na Wesileyi arabyakira, maze bihererekana bityo. Ariko ubu ni igihe cyo guhishurwa kw'abana b'Imana, ubwo ubwiru bwari bwarahishwe mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro bugomba guhishurwa. Iki ni cyo gihe. Nta gushidikanya.

112 Mwibuke, muri Bibiliya, nta muntu n'umwe wigeze abatizwa mu izina rya "Data, Umwana, Mwuka Wera". Ba-… Nasomye byombi, ba Data mbere ya Nikeya n'Inama y'i Nikeya; ni ho bashingiye icyo bise "idini rya gikristo mbumbasi", maze barishyiramo inzego hanyuma bahatira abantu bose kurijyamo, kandi ryari idini gatolika. Ijambo gatolika ubwaryo risobanura "icy'isi yose", idini rya gikristo ry'isi yose, idini rimwe rukumbi ryajyaga kubumba isi yose. Kandi ubwo bukristo, babuhatiye abantu. Ni bwo bayobokaga, bakuyeho Venus maze bimika Mariya. Bakuyeho Pawulo… cyangwa, Jupiter bamusimbuza Pawulo. Buracyari ubupagani! Ni byo. Idini gatolika, ni aho ryavuye, maze, nyuma y'imyaka magana atanu…

113 None, i Louisville, hari Ben Hur ku itangazo. Nta gihe gishize habayeho ya Mategeko Cumi. Nifuzaga by'ukuri, igihe kimwe, ko bazashobora gushyira mu ikinamico iriya myaka igihumbi na magana atanu y'icuraburindi, bibaye ari ibishoboka. Nifuzaga by'ukuri ko babimanika nk'itangazo. Imyaka igihumbi na magana atanu yo kurenganywa n'abapagani, mu gihe bahatiraga abantu bose kubayoboka, babica, babarimbura, babanyonga. Babazirikaga ikimasa ku kiganza kimwe, n'ikindi kimasa ku kindi kiganza, bakabahatira gusoma akabumbano kari ku musaraba, bitaba ibyo bakabatanyuza bya bimasa byombi bahagurukirizaga mu byerekezo bihabanye. Nageze mu Busuwisi, hariya, maze nshyira ikiganza cyanjye inyuma y'ibiti bishinze, aho babashyiraga, maze bakabaca ururimi, bakabita abapfumu n'ibindi. Ni byo pe. Ni ukuri!

114 Kandi ni wa mwuka umwe uriho na buhe n'ubu. Ni itegeko gusa riwubuza kwigaragaza. Mutegereze abanze abone umudendezo we. Bibiliya ni Yo ibivuga. Mutegereze gusa yigaragarize mu gihe nyakuri cye, abibonere ubushobozi. Byashoboka ko mumutora mu gihe gito, uko mbizi. Murabona? Bizaza, bizaza. Nta buryo na buke buhari bwo kumubuza, bigomba kuza. Ni ukuri. Bigomba kuza, bigiye kuza. Rero, kandi igihe bizazira, mwitonde. Ahubwo, mwene Data, icyo ukwiye kumenya, ni iki: nzi Uwo nizeye. Haleluya! Twikomereje urugendo. Murabona? Ni ibyo.

115 Igihe kimwe, ubwo - ubwo uwanditse, ubwo nabwiraga uwanditse Bibiliya Lam-… Lamsa - Lamsa, ubwo yarebaga, akabona icyo kimenyetso cya kera cy'Imana hamwe n'izo ngingo nto eshatu. Mvuga nti: "Ni iki?"

Avuga ati: "Ni Imana mu byitiriro bitatu."

Mvuga nti: "Ari byo Data, Mwana na Mwuka Wera?"

Arandeba, avuga ati: "Ibyo ni byo wizera?"

Hanyuma mvuga nti: "Yego, mugabo."

Avuga ati: "Ubwo nabonaga iryo genzura rikora muri ririya joro, nabitekerejeho, ko wari umuhanuzi w'Uwiteka." Avuga ati: "Imana iguhe umugisha." Anzengurutsa ukuboko ku ntugu zanjye, maze avuga ati: "Noneho, ndabimenye." Avuga ati: "Abanyamerika, nta n'ubwo bazi," ni ko yakomeje, "nta kintu bazi habe na busa." Avuga ati: "Bagerageza gufata Igitabo cy'i Burasirazuba maze bakigira Igitabo cy'i Burengerazuba. Nta n'ubwo bazi bibiliya yabo." Avuga ati: "Nta rindi Zina, nta rindi Zina, kuko ababatijwe bose, babatijwe mu Izina rya Yesu Kristo. Abatatu bagize Imana imwe rukumbi, ibyo ntibikabeho." Kandi uwo, ni Mwene Data Lamsa, dogiteri Lamsa, umusemuzi wa Bibiliya Lamsa, incuti magara ya perezida Eisenhower n'iy'abadiporomate bakomeye bo mu isi bose, n'ibindi; yanzengurukije amaboko ye, maze avuga ati: "igihe kimwe bazakwica kubera ibyo. Ahubwo," avuga ati: "Mwibuke, bariya bantu bapfira impamvu."

116 Nifuzaga kuba nk'umusaza petero, ubwo yari ari hariya, muri gereza. Hari umusore bari kumwe, yari ahangayitse cyane. Maze avuga ati: "Yoo, ni ibiki?"

Avuga ati: "Waba uzi ko bagiye kukwica?"

Petero avuga ati: "Yego."

Avuga ati: "Ahubwo uri bupfe none."

Avuga ati: "Yego."

Avuga ati: "Ariko, ba-… ba-… Urumva ari nta bwoba ufite?"

Avuga ati: "Oya."

Avuga ati; "Ugomba kuba uri umwe mu bo bita abakisto."

Avuga ati: "Ni iki cyakubayeho?"

Hanyuma amutekerereza, aricara maze amutekerereza ibyari byabaye. Kandi nk'uko yamutekerereezaga, ku iherezo ry'inkuru ye, yavuze ati: "Nakabaye nashobye kubona umudendezo muri iki gitondo. Nakabaye nashoboye kwisunga idini runaka, maze ngakomeza kubaho, byonyine, urabona. Nakabaye nashoboye kubona umudendezo. Byonyine, nari ngiye gusohoka mu murwa, maze mbona Umuntu wari uhageze, arinjira. Nari nzi Uwo ari We. Mvuga nti: 'Mwami, ugiye he?'" Avuga ati: 'Ngaruwe no kongera kubambwa ku ncuro ya kabiri.'" Avuga ati: "Nagarutse."

Neza neza icyo gihe, bavuze bati: "Ni nde mu bari hano witwa simoni Petero?"

Avuga ati: "Ni njye!"

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7